<p><u>Ingingo ya 22:</u> Imenyekanisha ry'ibyemezo byafashwe ku byerekeye impaka rusange z'umurimo</p> <p>Umugenzuzi w'umurimo ubifitiye ububasha yoherereza umwanditsi w'urukiko rubifitiye ububasha inyangikomvugo y'ikemurampaka mu bwumvikane cyangwa icyemezo cya komite nkemurampaka ku byerekeye impaka rusange z'umurimo kugira ngo bitangire gukurikizwa, uhereye uwo muni.</p> <p><u>Icyiciro cya 3:</u> Uburyo bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'akazi</p> <p><u>Ingingo ya 23:</u> Uburyo bwo gushyira mu bikorwa ibihano bitangwa n'umugenzuzi w'umurimo</p> <p>Umugenzuzi w'umurimo ahanisha umukoresha ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi iteganywa n'itegeko rigenga umurimo, iyo:</p> <p>1° umugenzuzi w'umurimo yahaye uwo mukoresha ihamagarwa mu nyandiko ntiyitabe kandi nta mpamvu ifatika yatanze mu nyandiko;</p>	<p><u>Article 22:</u> Notification of the decisions on collective labour dispute</p> <p>The competent labour inspector submits to the registrar of the competent court the conciliation minutes on amicable dispute settlement or the award of the arbitration committee on collective labour dispute for enforcement from that day.</p> <p><u>Section 3:</u> Modalities for imposing administrative fine</p> <p><u>Article 23:</u> Modalities for implementation of sanctions imposed by the labour inspector</p> <p>The labour inspector imposes to an employer an administrative fine provided by the law regulating labour if:</p> <p>1° the labour inspector summons that employer in writing and the employer fails to appear without valid reasons provided in writing;</p>	<p><u>Article 22:</u> Notification des décisions rendues sur un différend collectif du travail</p> <p>L'inspecteur du travail compétent dépose au greffier du tribunal compétent un procès-verbal constatant l'accord de conciliation à l'amiable ou celui constatant la décision du comité d'arbitrage sur un différend collectif du travail pour être exécutoire à partir de ce jour.</p> <p><u>Section:</u> Modalités d'imposer les sanctions administratives</p> <p><u>Article 23:</u> Modalités d'exécution des sanctions infligées par l'inspecteur du travail</p> <p>L'inspecteur du travail inflige à l'employeur une amende administrative prévue par la loi régissant le travail si:</p> <p>1° l'inspecteur du travail a assigné cet employeur et que ce dernier n'a pas comparu sans motif valable justifié par écrit;</p>
---	---	--

<p>2° umukoresha yanze gutanga amakuru arebana n’umurimo yasabwe mu nyandiko n’umugenzuzi w’umurimo mu gihe cy’ubugenzuzi bw’umurimo cyangwa cy’iperereza ku mpaka z’umurimo, mu minsi irindwi (7), ibarwa uherye ku muni yashyikirijweho inyandiko iyasaba;</p> <p>3° umukoresha adashyize mu bikorwa imyanzuro y’ubugenzuzi bw’umurimo mu gihe cyagenwe.</p> <p>Iyo umugenzuzi w’umurimo agiye guca umukoresha ihazabu yo mu rwego rw’ubutegetsi irenze amafaranga y’u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) abisabira uruhushya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 24: Igihe ntarengwa cyo kwishyura ihazabu n’aho yishyurwa</u></p> <p>Umukoresha yishyura ihazabu yo mu rwego rw’ubutegetsi yaciwe mu Isanduku ya Leta, mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) ibarwa uherye ku muni ihazabu yaciriweho. Kopi y’inyemezabwishyu ishyikirizwa umugenzuzi w’umurimo.</p>	<p>2° the employer refuses to provide information requested in writing by the labour inspector during the labour inspection or labour dispute investigation within seven (7) days from the day of reception of the request;</p> <p>3° the employer fails to execute labour inspector’s recommendations within the prescribed period.</p> <p>If the labour inspector is going to impose to the employer an administrative fine of more than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000), he or she must first request the approval of the Minister in charge of labour.</p> <p><u>Article 24: Deadline for payment of the fine</u></p> <p>An employer pays an administrative fine imposed by a labour inspector within seven (7) days from the date on which the fine was imposed. The fine is deposited in the State Treasury and a copy of the deposit is sent to the Labour Inspector.</p>	<p>2° l’employeur refuse de fournir les informations demandées par écrit par l’inspecteur du travail lors de l’inspection du travail ou de l’enquête sur un différend de travail dans les sept (7) jours à compter du jour de réception de la demande;</p> <p>3° l’employeur n’exécute pas les recommandations de l’inspecteur du travail dans les délais prescrits.</p> <p>Si l’inspecteur du travail va imposer à l’employeur une amende administrative de plus de cinq cent mille francs Rwanda (500.000 FRW), il doit d’abord demander l’autorisation du Ministre ayant le travail dans ses attributions.</p> <p><u>Article 24: Délai de paiement de l’amende</u></p> <p>L’employeur paie l’amende administrative imposée par l’inspecteur du travail dans un délai de sept (7) jours à compter de la date à laquelle l’amende a été imposée. L’amende est versée au Trésor Public et une copie du bordereau de versement est transmise à l’inspecteur du travail.</p>
--	--	---

<p>Iyo umukoresha atishyuye ihazabu yaciwe mu gihe giteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umugenzuzi w'umurimo abimenyeshya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano kugira ngo abifateho icyemezo.</p> <p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 25: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></p> <p>Iteka rya Minisitiri n° 07 ryo ku wa 13/07/2010 rigena uburyo bw'imikorere y'umugenzuzi w'umurimo n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 26: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>In case the employer does not pay the fine within the period specified in Paragraph One of this article, the labour inspector informs the Minister in charge of labour to take an decision.</p> <p><u>CHAPTER V: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 25: Repealing provision</u></p> <p>Ministerial Order n° 07 of 13/07/2010 determining the modalities of functioning of the labour inspector and all prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 26: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>Dans le cas où l'employeur ne paie pas l'amende dans le délai prévu à l'alinéa premier du présent article, l'inspecteur du travail en informe le Ministre ayant le travail dans ses attributions pour prendre une décision.</p> <p><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 25: Disposition abrogatoire</u></p> <p>L'Arrêté Ministériel n° 07 du 13/07/2010 déterminant les modalités de fonctionnement de l'inspecteur du travail et toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><u>Article 26: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	--	--

<p>Kigali, ku wa 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo</p>	<p>Kigali, on 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minister of Public Service and Labour</p>	<p>Kigali, le 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Ministre de la Fonction Publique et du Travail</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RISHYIRAHU URUTONDE RW'AMAKOSA AKOMEYE</p> <p style="text-align: center;"><u>ISHAKIRO</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Urutonde rw'ibikorwa bifatwa nk'amakosa akomeye</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Kugena ibindi bikorwa bifatwa nk'amakosa akomeye</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 002/19.20 OF 17/03/2020 ESTABLISHING THE LIST OF GROSS MISCONDUCT</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE OF CONTENTS</u></p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p> <p><u>Article 2:</u> List of acts considered as gross misconduct</p> <p><u>Article 3:</u> Determination of other acts considered as gross misconduct</p> <p><u>Article 4:</u> Repealing provision</p> <p><u>Article 5:</u> Commencement</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 002/19.20 DU 17/03/2020 ÉTABLISSANT LA LISTE DES FAUTES LOURDES</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p> <p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p> <p><u>Article 2:</u> Liste des actes considérés comme fautes lourdes</p> <p><u>Article 3:</u> Détermination d'autres actes considérés comme fautes lourdes</p> <p><u>Article 4:</u> Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 5:</u> Entrée en vigueur</p>
---	---	--

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 002/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RISHYIRAHU URUTONDE RW'AMAKOSA AKOMEYE</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 002/19.20 OF 17/03/2020 ESTABLISHING THE LIST OF GROSS MISCONDUCT</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 002/19.20 DU 17/03/2020 ÉTABLISSANT LA LISTE DES FAUTES LOURDES</p>
<p>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p>	<p>The Minister of Public Service and Labour;</p>	<p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 26;</p>	<p>Pursuant to Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda, especially in Article 26;</p>	<p>Vu la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 26;</p>
<p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/01/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p>	<p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 28/01/2020;</p>	<p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/01/2020;</p>
<p>ATEGETSE:</p>	<p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTE:</p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p>
<p>Iri teka rishyiraho urutonde rw'amakosa akomeye umukozi akora bigatuma habaho iseswa ry'amasezerano y'umurimo nta nteguza.</p>	<p>This Order establishes the list of gross misconduct that are committed by an employee which leads to termination of employment contract without notice.</p>	<p>Le présent arrêté établit la liste des fautes lourdes commises par un travailleur qui entraînent la résiliation du contrat de travail sans préavis.</p>

<u>Ingingo ya 2: Urutonde rw'ibikorwa bifatwa nk'amakosa akomeye</u>	<u>Article 2: List of acts considered as gross misconduct</u>	<u>Article 2: Liste des actes considérés comme fautes lourdes</u>
<p>Ibikorwa bikurikira bifatwa nk'amakosa akomeye:</p>	<p>The following acts are considered as gross misconduct:</p>	<p>Les actes suivants sont considérés comme des fautes lourdes:</p>
<p>1° ubujura;</p>	<p>1° theft;</p>	<p>1° le vol;</p>
<p>2° uburiganya;</p>	<p>2° fraud;</p>	<p>2° la fraude;</p>
<p>3° kurwanira ku kazi;</p>	<p>3° fighting at workplace;</p>	<p>3° se combattre sur le lieu de travail;</p>
<p>4° kunywera ibinyobwa bisindisha mu kazi;</p>	<p>4° taking alcoholic drinks at workplace;</p>	<p>4° la prise des boissons alcoolisées sur le lieu de travail;</p>
<p>5° kuba uri ku kazi wasinze cyangwa wanyoye ibiyobyabwenge;</p>	<p>5° to be on duty under the influence of alcohol or drugs;</p>	<p>5° être en état d'ivresse ou drogué au lieu de travail;</p>
<p>6° gukora inyandiko mpimbano;</p>	<p>6° falsification;</p>	<p>6° falsifier un document;</p>
<p>7° ivangura iryo ari ryo ryose ku kazi;</p>	<p>7° any form of discrimination at workplace;</p>	<p>7° toute forme de discrimination sur le lieu de travail;</p>
<p>8° guhoza undi ku nkeke bfitanye isano n'imibonano mpuzabitsina;</p>	<p>8° sexual harassment;</p>	<p>8° le harcèlement sexuel;</p>
<p>9° gusaba, gutanga cyangwa kwakira ruswa cyangwa indonke;</p>	<p>9° soliciting, offering or receiving bribes or illicit benefit;</p>	<p>9° exiger, offrir ou recevoir un pot-de-vin ou un avantage illégal;</p>
<p>10° kunyereza umutungo;</p>	<p>10° embezzlement;</p>	<p>10° le détournement;</p>

<p>11° kubona cyangwa gutanga mu buryo butemewe amakuru y'akazi y'ibanga;</p> <p>12° imyitwarire ishobora gushyira mu kaga ubuzima n'umutekano by'abandi ku kazi;</p> <p>13° ihohotera rishingiye ku gitsina mu kazi;</p> <p>14° guhagarika imirimo mu buryo budakurikije amategeko;</p> <p>15° kwangiza ibikoresho by'akazi ku bushake.</p> <p>Umukozi ukoze igikorwa icyo ari cyo cyose mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo aba akoze ikosa rikomeye rituma habaho iseswa ry'amasezerano y'umurimo nta nteguza.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Kugena ibindi bikorwa bifatwa nk'amakosa akomeye</u></p> <p>Bitewe n'imiterere y'ikigo kandi bitabangamiye igisobanuro cy'ikosa rikomeye nk'uko giteganywa n'itegeko rigenga umurimo, umukoresha ashobora kugena urutonde rw'ibindi bikorwa cyangwa imyitwarire bifatwa nk'amakosa akomeye</p>	<p>11° unlawfully obtaining or disclosing professional confidential information;</p> <p>12° behavior that may endanger the health and safety of others at workplace;</p> <p>13° gender-based violence at workplace;</p> <p>14° illegal strike;</p> <p>15° intentional destruction of work equipment.</p> <p>An employee who commits any of the acts provided for in Paragraph One of this Article commits a gross misconduct that leads to termination of employment contract without notice.</p> <p><u>Article 3: Determination of other acts considered as gross misconduct</u></p> <p>Due to the nature of an enterprise and without prejudice to the definition of gross misconduct as provided for in the law regulating labour, an employer may determine a list of other acts or behavior considered as gross misconduct additional to those specified in Article 2 of this</p>	<p>11° obtenir ou révéler illégalement les informations confidentielles professionnelles;</p> <p>12° le comportement qui peut mettre en danger la santé et la sécurité des autres sur le lieu de travail;</p> <p>13° la violence basée sur le genre au lieu du travail;</p> <p>14° la grève illégale;</p> <p>15° détruire intentionnellement les équipements de travail.</p> <p>Un travailleur qui commet l'un ou l'autre des actes prévus à l'alinéa premier du présent article commet une faute lourde qui entraîne la résiliation du contrat de travail sans préavis.</p> <p><u>Article 3: Détermination d'autres actes considérés comme fautes lourdes</u></p> <p>En raison de la nature d'une entreprise et sans préjudice de la définition de la faute lourde comme prévu par la loi régissant le travail, un employeur peut déterminer une liste d'autres actes et comportements considérés comme fautes lourdes</p>
--	---	--

<p>rwiyongera ku ruvugwa mu ngingo ya 2 y'iri teka kandi rukemezwa na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze mbere y'uko rushyirwa mu bikorwa. Urwo rutonde rushyirwa mu mategeko ngengamikorere y'ikigo kandi rukamenyeshwa abakozi mu nyandiko mbere y'ishyirwa mu bikorwa ryarwo.</p> <p>Ku bigo bidasabwa n'itegeko gushyiraho amategeko ngengamikorere, urutonde rw'amakosa akomeye rumenyeshwa abakozi mu nyandiko mbere y'uko rutangira kubahirizwa.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></p> <p>Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>Order and approved by the Minister in charge of labour before its implementation . That list is incorporated in the rules of procedures of enterprise and notified in writing to the employees before implementation.</p> <p>For enterprises that are not required by the law to establish rules of procedures, the list of gross misconduct is notified to the employees before its implementation.</p> <p><u>Article 4: Repealing provision</u></p> <p>All prior provisions contrary to this Order are repealed.</p> <p><u>Article 5: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>additionnelle à celle prévue à l'article 2 du présent arrêté et approuvée par le Ministre ayant le travail dans ses attributions avant sa mise en application. Cette liste est incorporée dans le règlement intérieur de l'entreprise et notifiée par écrit aux travailleurs avant sa mise en application.</p> <p>Pour les entreprises qui n'ont pas l'obligation légale d'établir les règlements intérieurs, la liste des fautes lourdes est notifiée aux travailleurs avant sa mise en application.</p> <p><u>Article 4: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.</p> <p><u>Article 5: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
--	--	---

<p>Kigali, ku wa 17/03/2020</p> <p style="text-align: center;">(sé) RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo</p>	<p>Kigali, on 17/03/2020</p> <p style="text-align: center;">(sé) RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minister of Public Service and Labour</p>	<p>Kigali, le 17/03/2020</p> <p style="text-align: center;">(sé) RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Ministre de la Fonction Publique et du Travail</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p style="text-align: center;">(sé) BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p style="text-align: center;">(sé) BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p style="text-align: center;">(sé) BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RYEREKEYE INTUMWA Z'ABAKOZI</p> <p style="text-align: center;"><u>ISHAKIRO</u></p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p><u>UMUTWE WA II: KUGENA UMUBARE W'INTUMWA Z'ABAKOZI N'UW'ABASIMBURA BAZO NA MANDA YABO</u></p> <p><u>Ingingo ya 2: Ibigo byemererwa gukora amatora y'abahagarariye abakozi n'abasimbura bazo</u></p> <p><u>Ingingo ya 3: Kugena umubare w'intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo</u></p> <p><u>Ingingo ya 4: Manda y'intumwa z'abakozi n'iy'abasimbura</u></p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 003/19.20 OF 17/03/2020 RELATING TO EMPLOYEES' REPRESENTATIVES</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE OF CONTENTS</u></p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p><u>CHAPTER II: DETERMINATION OF THE NUMBER OF EMPLOYEES' REPRESENTATIVES, THAT OF SUBSTITUTES AND THEIR MANDATE</u></p> <p><u>Article 2: Enterprise eligible to elect employees' representatives and their substitutes</u></p> <p><u>Article 3: Determination of the number of employees' representatives and their substitutes</u></p> <p><u>Article 4: Term of office of employees' representatives and their substitutes</u></p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/19.20 DU 17/03/2020 RELATIF AUX DÉLÉGUÉS DU PERSONNEL</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p> <p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITION GÉNÉRALE</u></p> <p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p><u>CHAPITRE II: DÉTERMINATION DU NOMBRE DES DÉLÉGUÉS DU PERSONNEL ET CELUI DES SUPPLÉANTS ET LEUR MANDAT</u></p> <p><u>Article 2: Entreprises éligibles pour élire les délégués du personnel et leurs suppléants</u></p> <p><u>Article 3: Détermination du nombre des délégués du personnel et de leurs suppléants</u></p> <p><u>Article 4: Mandat des délégués du personnel et de leurs suppléants</u></p>
---	---	--

<p>UMUTWE WA III: GUTORA INTUMWA Z'ABAKOZI N'ABAZISIMBURA N'UBURYO AMATORA AKORWA</p>	<p>CHAPTER III: ELECTION OF EMPLOYEES' REPRESENTATIVES AND THEIR SUBSTITUTES AND MODALITIES FOR ELECTION</p>	<p>CHAPITRE III: ÉLECTION DES DÉLÉGUÉS DU PERSONNEL ET DE LEURS SUPPLÉANTS ET MODALITÉS DES ÉLECTIONS</p>
<p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Itorwa ry'intumwa z'abakozi</p>	<p><u>Section One:</u> Election of employees' representatives</p>	<p><u>Section première:</u> Élection des délégués du personnel</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Gushyiraho komite y'amatora mu kigo</p>	<p><u>Article 5:</u> Establishment of the electoral committee in the enterprise</p>	<p><u>Article 5:</u> Mise en place du comité électoral dans l'entreprise</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano za komite y'amatora</p>	<p><u>Article 6:</u> Responsibilities of the electoral committee</p>	<p><u>Article 6:</u> Attributions du comité électoral</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Inteko zitora</p>	<p><u>Article 7:</u> Electoral colleges</p>	<p><u>Article 7:</u> Collèges électoraux</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Inteko zihujwe</p>	<p><u>Article 8:</u> Joint colleges</p>	<p><u>Article 8:</u> Collèges mixtes</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Ibisabwa kugira ngo umukozi yemererwe gutora</p>	<p><u>Article 9:</u> Requirements for voting</p>	<p><u>Article 9:</u> Conditions requises pour voter</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Abatemererwa kwiyamamaza</p>	<p><u>Article 10:</u> Persons not allowed to stand as candidates</p>	<p><u>Article 10:</u> Personnes non autorisées à se présenter comme candidats</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Gutanga kandidatire</p>	<p><u>Article 11:</u> Submission of candidacy</p>	<p><u>Article 11:</u> Soumission de la candidature</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Gufata kimwe abakandida</p>	<p><u>Article 12:</u> Equal treatment of candidates</p>	<p><u>Article 12:</u> Traitement équitable des candidats</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Kwiyamamaza</p>	<p><u>Article 13:</u> Electoral campaign</p>	<p><u>Article 13:</u> Campagne électorale</p>

<u>Ingingo ya 14:</u> Uburyo bwo gutora n’aho batorera	<u>Article 14:</u> Modalities and venue of voting	<u>Article 14:</u> Modalités et lieu de vote
<u>Ingingo ya 15:</u> Kugenzura abaje gutora	<u>Article 15:</u> Verification of voters	<u>Article 15:</u> Vérification des électeurs
<u>Ingingo ya 16:</u> Umubare wa ngombwa kugira ngo amatora abe	<u>Article 16:</u> Quorum for election	<u>Article 16:</u> Quorum pour l’élection
<u>Ingingo ya 17:</u> Gutora	<u>Article 17:</u> Voting	<u>Article 17:</u> Vote
<u>Ingingo ya 18:</u> Kubarura amajwi	<u>Article 18:</u> Vote counting	<u>Article 18:</u> Dépouillement des voix
<u>Ingingo ya 19:</u> Kubara impapuro zatoreweho	<u>Article 19:</u> Counting ballot papers	<u>Article 19:</u> Dépouillement des bulletins de vote
<u>Ingingo ya 20:</u> Impapuro z’impfabusa	<u>Article 20:</u> Invalid ballot papers	<u>Article 20:</u> Bulletins nuls
<u>Ingingo ya 21:</u> Inyandikomvugo y’ibikorwa by’amatora	<u>Article 21:</u> Statement on the electoral operations	<u>Article 21:</u> Procès-verbal des opérations des élections
<u>Ingingo ya 22:</u> Gutangaza ibyavuye mu matora	<u>Article 22:</u> Publication of election results	<u>Article 22:</u> Publication des résultats des élections
<u>Ingingo ya 23:</u> Ibirego ku byavuye mu matora	<u>Article 23:</u> Complaints on elections results	<u>Article 23:</u> Plaintes sur les resultants des élections
<u>Ingingo ya 24:</u> Gukosora ibyavuye mu matora	<u>Article 24:</u> Rectification of voting results	<u>Article 24:</u> Rectification des résultats de vote
<u>Ingingo ya 25:</u> Komite ihuza intumwa z’abakozi	<u>Article 25:</u> Employees representatives’ coordination committee	<u>Article 25:</u> Comité de coordination des délégués du personnel

UMUTWE WA IV: INSHINGANO Z'INTUMWA Z'ABAKOZI N'UBURYO BWO KUZISHYIRA MU BIKORWA	CHAPTER IV: RESPONSIBILITIES OF EMPLOYEES' REPRESENTATIVES AND MODALITIES FOR THEIR FULFILMENT	CHAPITRE IV: ATTRIBUTIONS DES DÉLÉGUÉS DU PERSONNEL ET MODALITÉS DE LEUR ACCOMPLISSEMENT
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Inshingano z'intumwa z'abakozi	<u>Section One:</u> Responsibilities of employees' representatives	<u>Section première:</u> Attributions des délégués du personnel
<u>Ingingo ya 26:</u> Inshingano z'intumwa z'abakozi	<u>Article 26:</u> Responsibilities of employees' representatives	<u>Article 26:</u> Attributions des délégués du personnel
<u>Icyiciro cya 2:</u> Uburyo intumwa z'abakozi zishyira mu bikorwa inshingano zazo	<u>Section 2:</u> Modalities for fulfilment of responsibilities by employees' representatives	<u>Section 2:</u> Modalités d'accomplissement des attributions des délégués du personnel
<u>Ingingo ya 27:</u> Umwanya wo gushyira mu bikorwa inshingano z'intumwa y'abakozi	<u>Article 27 :</u> Time for fulfilling responsibilities of employees' representative	<u>Article 27:</u> Temps pour remplir des attributions d'un délégué du personnel
<u>Ingingo ya 28:</u> Aho gukorera inama	<u>Article 28:</u> Place of meeting	<u>Article 28:</u> Lieu de réunion
<u>Ingingo ya 29:</u> Amatangazo y'intumwa z'abakozi	<u>Article 29:</u> Announcements of employees' representatives	<u>Article 29:</u> Communiqués des délégués du personnel
<u>Ingingo ya 30:</u> Guha intumwa z'abakozi amakuru ya ngombwa	<u>Article 30:</u> Providing necessary information to employees' representatives	<u>Article 30:</u> Donner des informations nécessaires aux délégués du personnel
<u>Ingingo ya 31:</u> Gukorana inama n'intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo	<u>Article 31:</u> Meeting with employees' representatives and their substitutes	<u>Article 31:</u> Réunion avec les délégués du personnel et leurs suppléants

<p><u>Ingingo ya 32:</u> Kugira ibanga</p> <p><u>Ingingo ya 33:</u> Gutumira mu nama impunguke cyangwa abayobozi</p> <p><u>Ingingo ya 34:</u> Igitabo cyandikwamo ibibazo n'ibitekerezo</p> <p>UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</p> <p><u>Ingingo ya 35:</u> Gusimbura intumwa y'abakozi</p> <p><u>Ingingo ya 36:</u> Kurengera intumwa z'abakozi</p> <p><u>Ingingo ya 37:</u> Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p> <p><u>Ingingo ya 38:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 32:</u> Professional secrecy</p> <p><u>Article 33:</u> Invitation to meetings of experts or managers</p> <p><u>Article 34:</u> Register of complaints and suggestions</p> <p>CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</p> <p><u>Article 35:</u> Replacement of an employees' representative</p> <p><u>Article 36:</u> Protection of employees' representatives</p> <p><u>Article 37:</u> Repealing provision</p> <p><u>Article 38:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 32:</u> Secret professionnel</p> <p><u>Article 33:</u> Invitation des experts ou des cadres</p> <p><u>Article 34:</u> Registre des plaintes et des suggestions</p> <p>CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</p> <p><u>Article 35:</u> Remplacement d'un délégué du personnel</p> <p><u>Article 36:</u> Protection des délégués du personnel</p> <p><u>Article 37:</u> Disposition abrogatoire</p> <p><u>Article 38:</u> Entrée en vigueur</p>
---	--	--

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 003/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RYEREKEYE INTUMWA Z’ABAKOZI</p> <p>Minisitiri w’Abakozi ba Leta n’Umurimo;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n’iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 114;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 01 ryo ku wa 11/11/2014 rigenga uburyo intumwa z’abakozi zitorwa n’uko zuzuza inshingano zazo;</p> <p>Inama y’Abaminisitiri yateranye ku wa 28/01/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 003/19.20 OF 17/03/2020 RELATING TO EMPLOYEES’ REPRESENTATIVES</p> <p>The Minister of Public Service and Labour;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda, especially in Article 114;</p> <p>Having reviewed Ministerial Order n° 01 of 11/11/2014 determining the modalities of electing workers’ representatives and fulfilment of their duties;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 28/01/2020;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 003/19.20 DU 17/03/2020 RELATIF AUX DÉLÉGUÉS DU PERSONNEL</p> <p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 114;</p> <p>Revu l’Arrêté Ministériel n° 01 du 11/11/2014 déterminant les modalités d’élection des délégués du personnel et les conditions d’exercice de leur mission;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/01/2020;</p> <p>ARRÊTE:</p>
--	---	--

<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena:</p> <p>1° uburyo intumwa z’abakozi n’abasimbura bazo batorwa;</p> <p>2° inshingano z’intumwa z’abakozi;</p> <p>3° uburyo intumwa z’abakozi zuzuza inshingano zazo.</p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines:</p> <p>1° modalities of electing employees’ representatives and their substitutes;</p> <p>2° responsibilities of employees’ representatives;</p> <p>3° modalities for fulfilment of responsibilities by employees’ representatives.</p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITION GÉNÉRALE</u></p> <p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine:</p> <p>1° les modalités d’élection des délégués du personnel et leurs suppléants;</p> <p>2° les attributions des délégués du personnel;</p> <p>3° les modalités d’accomplissement des attributions des délégués du personnel.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: KUGENA UMUBARE W’INTUMWA Z’ABAKOZI N’UW’ABASIMBURA BAZO NA MANDA YABO</u></p> <p><u>Ingingo ya 2: Ibigo byemererwa gukora amatora y’abahagarariye abakozi n’abasimbura bazo</u></p> <p>Ikigo cyose gifite abakozi nibura icumi (10), kigomba gukoresha amatora y’intumwa z’abakozi n’abasimbura bazo.</p>	<p><u>CHAPTER II: DETERMINATION OF THE NUMBER OF EMPLOYEES’ REPRESENTATIVES, THAT OF SUBSTITUTES AND THEIR MANDATE</u></p> <p><u>Article 2: Enterprise eligible to elect employees’ representatives and their substitutes</u></p> <p>An enterprise with at least ten (10) employees must organize elections for employees’ representatives and their substitutes.</p>	<p><u>CHAPITRE II: DÉTERMINATION DU NOMBRE DES DÉLÉGUÉS DU PERSONNEL ET CELUI DES SUPPLÉANTS ET LEUR MANDAT</u></p> <p><u>Article 2: Entreprises éligibles pour élire les délégués du personnel et leurs suppléants</u></p> <p>Une entreprise ayant au moins dix (10) travailleurs doit organiser les élections des délégués du personnel et leurs suppléants.</p>

<u>Ingingo ya 3: Kugena umubare w'intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo</u>	<u>Article 3: Determination of the number of employees' representatives and their substitutes</u>	<u>Article 3: Détermination du nombre des délégués du personnel et de leurs suppléants</u>
<p>Umubare w'intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo ugenwa mu buryo bukurikira:</p>	<p>The number of employees' representatives and their substitutes is determined in the following manner:</p>	<p>Le nombre des délégués du personnel et de leurs suppléants est déterminé de la manière suivante:</p>
<p>1° ikigo gifite kuva ku bakozi icumi (10) kugeza kuri makumyabiri n'icyenda (29) gitora intumwa y'abakozi imwe (1) n'umusimbura umwe (1);</p>	<p>1° an enterprise with ten (10) to twenty-nine (29) employees elects one (1) employees' representative and one (1) substitute;</p>	<p>1° une entreprise ayant dix (10) à vingt-neuf (29) travailleurs élit un (1) délégué du personnel et un (1) suppléant;</p>
<p>2° ikigo gifite kuva ku bakozi mirongo itatu (30) kugeza ku bakozi mirongo ine n'icyenda (49) gitora intumwa z'abakozi ebyiri (2) n'abasimbura babiri (2);</p>	<p>2° an enterprise with thirty (30) to forty-nine (49) employees elects two (2) employees' representatives and two (2) substitutes;</p>	<p>2° une entreprise ayant trente (30) à quarante-neuf (49) travailleurs élit deux (2) délégués du personnel et deux (2) suppléants;</p>
<p>3° ikigo gifite kuva ku bakozi mirongo itanu (50) kugeza ku bakozi mirongo icyenda n'icyenda (99) gitora intumwa z'abakozi eshatu (3) n'abasimbura batatu (3);</p>	<p>3° an enterprise with fifty (50) to ninety-nine (99) employees elects three (3) employees' representatives and three (3) substitutes;</p>	<p>3° une entreprise ayant cinquante (50) à quatre-vingt-dix-neuf (99) travailleurs élit trois (3) délégués du personnel et trois (3) suppléants;</p>
<p>4° ikigo gifite kuva ku bakozi ijana (100) kugeza ku bakozi magana abiri na mirongo ine n'icyenda (249) gitora intumwa z'abakozi enye (4) n'abasimbura bane (4);</p>	<p>4° an enterprise with one hundred (100) to two hundred and forty nine (249) employees elects four (4) employees' representatives and four (4) substitutes;</p>	<p>4° une entreprise ayant cent (100) à deux cent quarante-neuf (249) travailleurs élit quatre (4) délégués du personnel et quatre (4) suppléants;</p>

<p>5° ikigo gifite kuva ku bakozi magana abiri na mirongo itanu (250) kugeza ku bakozi magana ane na mirongo icyenda n'icyenda (499) gitora intumwa z'abakozi eshanu (5) n'abasimbura batanu (5);</p>	<p>5° an enterprise with two hundred and fifty (250) to four hundred ninety-nine (499) employees elects five (5) employees' representatives and five (5) substitutes;</p>	<p>5° une entreprise ayant deux cent cinquante (250) à quatre cent quatre-vingt-dix-neuf (499) travailleurs élit cinq (5) délégués du personnel et cinq (5) suppléants;</p>
<p>6° ikigo gifite kuva ku bakozi magana atanu (500) kugeza ku bakozi magana cyenda na mirongo icyenda n'icyenda (999) gitora intumwa z'abakozi esheshatu (6) n'abasimbura batandatu (6);</p>	<p>6° an enterprise with five hundred (500) to nine hundred ninety-nine (999) employees elects six (6) employees' representatives and six (6) substitutes;</p>	<p>6° une entreprise ayant cinq cent (500) à neuf cent quatre-vingt-dix-neuf (999) travailleurs élit six (6) délégués du personnel et (6) suppléants;</p>
<p>7° ikigo gifite kuva ku bakozi igihumbi (1.000) kugeza ku bakozi igihumbi na magana ane na mirongo icyenda n'icyenda (1.499) gitora intumwa z'abakozi zirindwi (7) n'abasimbura barindwi (7);</p>	<p>7° an enterprise with one thousand (1,000) to one thousand four hundred and ninety-nine (1,499) employees elects seven (7) employees' representatives and seven (7) substitutes;</p>	<p>7° une entreprise ayant mille (1.000) à mille quatre cent quatre-vingt-dix-neuf (1.499) travailleurs élit sept (7) délégués du personnel et sept (7) suppléants;</p>
<p>8° ikigo gifite kuva ku bakozi igihumbi na magana atanu (1,500) kugeza ku bakozi igihumbi na magana cyenda na mirongo icyenda n'icyenda (1.999) gitora intumwa z'abakozi umunani (8) n'abasimbura umunani (8);</p>	<p>8° an enterprise with one thousand and five hundred (1,500) to one thousand nine hundred ninety-nine (1,999) employees elects eight (8) employees' representatives and eight (8) substitutes;</p>	<p>8° une entreprise ayant mille cinq cent (1.500) à mille neuf cent quatre-vingt-dix-neuf (1.999) travailleurs élit huit (8) délégués du personnel et huit (8) suppléants;</p>
<p>9° ikigo gifite kuva ku bakozi ibihumbi bibiri (2.000) kugeza ku bakozi ibihumbi bibiri na magana atanu</p>	<p>9° an enterprise with two thousand (2,000) to two thousand five hundred (2,500) employees elects</p>	<p>9° une entreprise ayant deux mille (2.000) à deux mille cinq cent (2.500) travailleurs élit neuf (9)</p>

<p>(2.500) gitora intumwa z'abakozi icyenda (9) n'abasimbura icyenda (9);</p> <p>10° ikigo gifite hejuru y'abakozi ibihumbi bibiri na magana atanu (2,500) gitora intumwa z'abakozi icumi (10) n'abasimbura icumi (10).</p> <p>Uko byagenda kose, umubare w'intumwa z'abakozi n'abasimbura ntushobora kurenga icumi (10) kuri buri ruhanda.</p> <p>Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, iyo ikigo gifite amashami menshi, buri shami rigomba gutora intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo.</p> <p>Umubare w'intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo mu kigo ntushobora kugabanywa cyangwa kongerwa igihe intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo bagifite manda yabo bitewe n'ihinduka ry'umubare w'abakozi.</p> <p>Intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo batorwa mu bakozi bo mu kigo kandi umubare w'abatowe ugomba kugira nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagore, iyo bishoboka.</p>	<p>nine (9) employees' representatives and nine (9) substitutes;</p> <p>10° an enterprise with above two thousand five hundred (2,500) employees elects ten (10) employees' representatives and ten (10) substitutes.</p> <p>In any case, the number of employees' representatives and substitutes may not exceed ten (10) respectively.</p> <p>Without prejudice to the provisions of Paragraph One of this Article, in case an enterprise has many branches, each branch must elect employees' representatives and their substitutes.</p> <p>The number of employees' representatives and their substitutes can neither be reduced nor increased as a result of change in number of employees in the enterprise if the representatives and their substitutes are still serving their term of office.</p> <p>Employees' representatives and their substitutes are elected from employees of the enterprise and the number of elected representatives and their substitutes must</p>	<p>délégués du personnel et neuf (9) suppléants;</p> <p>10° une entreprise ayant plus de deux mille cinq cent (2.500) travailleurs élit dix (10) délégués du personnel et dix (10) suppléants.</p> <p>Dans tous les cas, le nombre des délégués du personnel et de leurs suppléants ne peut pas dépasser dix (10) respectivement.</p> <p>Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, en cas d'une entreprise qui a plusieurs branches, chaque branche élit les délégués du personnel et les suppléants.</p> <p>Le nombre des délégués du personnel et de leurs suppléants ne peut ni être réduit ni être augmenté pendant la période de leur mandat en raison de l'augmentation ou de la réduction du nombre des travailleurs dans l'entreprise.</p> <p>Les délégués du personnel et leurs suppléants sont élus parmi les travailleurs de l'entreprise et le nombre des délégués du personnel et leurs suppléants élus doit</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 4: Manda y'intumwa z'abakozi n'iy'abasimbura bazo</u></p> <p>Intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo zitorerwa manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.</p> <p>Intumwa y'abakozi cyangwa umusimbura wifuzza kwegura imenyasha mu nyandiko umukoresha igaha kopi umugenzuzi w'umurimo wo mu Karere ikigo gikorera.</p> <p>Intumwa y'abakozi isimbuye indi cyangwa umusimbura usimbuye undi, ikomeza manda manda y'uwo asimbuye yari isigaye.</p>	<p>comprise at least thirty percent (30%) of women, where possible.</p> <p><u>Article 4: Term of office of employees' representatives and that of their substitutes</u></p> <p>Employees' representatives and their substitutes are elected for a renewable term of office of three (3) years.</p> <p>An employee representative or a substitute who intends to resign informs in writing the employer and reserves a copy to the labour inspector of the District where the enterprise is established.</p> <p>Any employee representative or substitutes who substitutes another serves for the remaining term of office of his or her predecessor.</p>	<p>comprendre au moins trente pour cent (30%) des femmes, si possible.</p> <p><u>Article 4: Mandat des délégués du personnel et celui de leurs suppléants</u></p> <p>Le mandat des délégués du personnel et celui de leurs suppléants est de trois (3) ans renouvelables.</p> <p>Un délégué du personnel ou un suppléant qui désire démissionner informe l'employeur par écrit et donne une copie à l'inspecteur du travail du District dans lequel se trouve l'entreprise.</p> <p>Un délégué du personnel ou son suppléant qui remplace un autre, sert le mandat de son prédécesseur.</p>
--	---	---

<p>UMUTWE WA III: GUTORA INTUMWA Z'ABAKOZI N'ABAZISIMBURA N'UBURYO AMATORA AKORWA</p> <p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Itorwa ry'intumwa z'abakozi</p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Gushyiraho komite y'amatora mu kigo</p> <p>Mu byumweru bine (4) bibanziriza irangira rya manda y'intumwa z'abakozi, ubuyobozi bw'ikigo, bumaze kugisha inama abakozi, bushyiraho abakozi batatu (3) bagize komite y'amatora y'intumwa z'abakozi mu kigo.</p> <p>Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ubuyobozi bw'ikigo bushobora kongera umubare w'abagize komite y'amatora, bumaze kugisha inama abakozi cyangwa abahagarariye amasendika mu kigo.</p> <p>Komite y'amatora mu kigo igomba kuba igizwe n'umubare w'igiharwe kandi, mu gihe bishoboka, hakabamo abantu b'igitsina gabo n'ab'igitsina gore.</p>	<p>CHAPTER III: ELECTION OF EMPLOYEES REPRESENTATIVES AND THEIR SUBSTITUTES AND MODALITIES FOR ELECTION</p> <p><u>Section One:</u> Election of employees' representatives</p> <p><u>Article 5:</u> Establishment of the electoral committee in the enterprise</p> <p>The management of the enterprise, within four (4) weeks preceding the end of the employees' representatives term of office and after consultation with employees, nominates three (3) employees that compose the electoral committee in the enterprise.</p> <p>Subject to provisions of Paragraph One of this Article, the management of the enterprise may, after consultation with the employees or representatives of trade unions in an enterprise, increase the number of electoral committee members.</p> <p>The electoral committee must be an odd number of members and comprise of male and female employees, where possible.</p>	<p>CHAPITRE III: ÉLECTION DES DÉLÉGUÉS DU PERSONNEL ET DE LEURS SUPPLÉANTS ET MODALITÉS DES ÉLECTIONS</p> <p><u>Section première:</u> Élection des délégués du personnel</p> <p><u>Article 5:</u> Mise en place du comité électoral dans l'entreprise</p> <p>Dans quatre (4) semaines qui précèdent la fin du mandat des délégués du personnel, la direction de l'entreprise, après consultation avec les travailleurs, nomme trois (3) travailleurs qui composent le comité électoral dans l'entreprise.</p> <p>Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, la direction de l'entreprise peut, après consultation avec les travailleurs ou les représentants des syndicats dans l'entreprise, augmenter le nombre des membres du comité électoral.</p> <p>Le comité électoral doit être composé d'un nombre impair et comprendre les membres de sexe masculin et féminin, si possible.</p>
--	--	--

<p>Sendika ikorera mu kigo ishobora kohereza intumwa kuba umwe mu bagize komite y'amatora.</p> <p>Komite y'amatora igomba kwitoramo Perezida, Visi-Perezida n'Umwanditsi kugira ngo irangize inshingano zayo.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Inshingano za komite y'amatora</u></p> <p>Komite y'amatora ifite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° gutegura amatora y'intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo mu kigo; 2° gusuzuma no kwemeza ilisiti y'abatora mu kigo yatanzwe n'umukoresha mu minsi cumi n'itanu (15) mbere y'uko itora riba; 3° gusuzuma no kwemeza ilisiti y'abakandida yatanzwe n'umukoresha; 4° gusaba umukoresha gutanga umukandida usimbura undi iyo atujuje ibisabwa; 	<p>A trade union operating in enterprise may delegate a representative to be part of the electoral committee.</p> <p>The electoral committee must choose among its members the Chairperson, Vice-Chairperson and Secretary for the fulfilment of its duties.</p> <p><u>Article 6: Responsibilities of the electoral committee</u></p> <p>The electoral committee has the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° to organise elections of employees' representatives and their substitutes in an enterprise; 2° to verify and approve the voters list in the enterprise submitted by the employer within fifteen (15) days before the election takes place; 3° to verify and approve the list of candidates submitted by the employer; 4° to request the employer to submit the name of a candidate who replaces another candidate who does not meet the requirements; 	<p>Un syndicat opérant dans une entreprise peut déléguer un représentant pour faire partie du comité électoral.</p> <p>Le comité électoral doit choisir parmi ses membres, le Président, le Vice-Président et le Secrétaire pour l'accomplissement de ses attributions.</p> <p><u>Article 6: Attributions du comité électoral</u></p> <p>Le comité électoral a les attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° organiser les élections des délégués du personnel et de leurs suppléants dans l'entreprise; 2° vérifier et approuver la liste électorale dans l'entreprise soumise par l'employeur, dans quinze (15) jours avant que l'élection soit tenue; 3° vérifier et approuver la liste des candidats soumise par l'employeur; 4° demander à l'employeur de trouver un autre candidat pour remplacer le candidat qui ne remplit pas les conditions requises;
---	---	--

<p>5° kwakira ibirego bijyanye n'imategurire n'imigendekere y'amatora;</p>	<p>5° to receive petitions concerning the preparation and conduct of the elections;</p>	<p>5° recevoir les plaintes en rapport avec la préparation et le déroulement des élections;</p>
<p>6° kumanika ilisiti y'abatora ahabugenewe mu kigo mu minsi nibura irindwi (7) mbere y'uko amatora aba;</p>	<p>6° to display the voters list in an appropriate place at least seven (7) days before elections are held;</p>	<p>6° afficher la liste électorale sur le tableau d'affichage au moins sept (7) jours avant les élections;</p>
<p>7° gutangaza ibyavuye mu matora;</p>	<p>7° to announce the election results;</p>	<p>7° annoncer les résultats des élections;</p>
<p>8° gusesa amatora yakorewe mu kigo, iyo atubahirije ibiri muri iri teka;</p>	<p>8° to invalidate the elections held in the enterprise, if conducted in violation of provisions of this Order;</p>	<p>8° annuler les élections tenues dans l'entreprise, si elles ont été menées en violation des dispositions du présent arrêté;</p>
<p>9° gukosora umubare w'amajwi yabonetse;</p>	<p>9° to correct the number of votes obtained;</p>	<p>9° corriger le nombre de voix obtenues;</p>
<p>10° gusuzuma ko umubare wa ngombwa wa mirongo itanu ku ijana (50%) by'abiyandikishije ku ilisiti y'itora bitabiriye amatora kugira ngo ayo matora agire agaciro;</p>	<p>10° to verify whether the quorum on voting list of fifty per cent (50%) is achieved in order for elections to be valid;</p>	<p>10° vérifier que le quorum sur la liste de vote de cinquante pour cent (50%) a été atteint pour que les élections soient valides;</p>
<p>11° gutegura impapuro zikoreshwa mu matora;</p>	<p>11° to prepare ballot papers to be used in elections;</p>	<p>11° préparer les bulletins de vote devant être utilisés lors des élections;</p>
<p>12° kugena abantu bafasha komite y'amatora mu kubara amajwi;</p>	<p>12° designate persons to assist the electoral committee in the counting of votes;</p>	<p>12° désigner des personnes qui aident le comité électoral dans le comptage des votes;</p>

<p>13°kwandika no kwemerera abatari ku ilisiti y'itora gutora ku munsu w'itora;</p> <p>14°gukora raporo yohererezwa umukoresha na kopi ihabwa umugenzuzi w'umurimo mu Karere ikigo gikorera;</p> <p>15°gufata ibyemezo ku bibazo by'abatagomba gutorwa kubera inyungu bafite mu kigo.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Inteko zitara</u></p> <p>Intumwa z'abakozi zitorwa n'inteko zikurikira:</p> <p>1° inteko y'abakozi basanzwe;</p> <p>2° inteko y'abayobozi.</p> <p>Buri nteko igira ilisiti y'abatora ikorwa n'ubuyobozi bw'ikigo.</p> <p>Iyo havutse impaka ku ilisiti y'abatora, umukoresha n'abakozi bakemura izo mpaka binyuze mu bwumvikane.</p>	<p>13°to register and allow voters who do not appear on the voting list to vote on the polling day;</p> <p>14°to prepare a report to be sent to the employer and a copy to the labour inspector of the District where the enterprise is located;</p> <p>15°to decide on non-eligibility cases due to conflicts of interests of candidates</p> <p><u>Article 7: Electoral colleges</u></p> <p>Employees' representatives are elected by the following colleges:</p> <p>1° college of staff;</p> <p>2° college of managers.</p> <p>Each electoral college has a list of voters elaborated by the management of the enterprise.</p> <p>In case of conflict on the list of voters, the employer and employees settle the conflict amicably.</p>	<p>13°inscrire et permettre aux électeurs qui ne figurent pas sur la liste de vote de voter le jour des élections;</p> <p>14°rédiger un rapport à envoyer à l'employeur avec une copie à l'inspecteur du travail du District dans lequel se trouve l'entreprise;</p> <p>15°se prononcer sur des cas de non-éligibilité due aux conflits d'intérêts des candidats.</p> <p><u>Article 7: Collèges électoraux</u></p> <p>Les délégués du personnel sont élus par les collèges suivants:</p> <p>1° le collège du personnel;</p> <p>2° le collège des cadres.</p> <p>Chaque collège électoral doit avoir une liste des électeurs élaborée par la direction de l'entreprise.</p> <p>En cas de contestation en rapport avec la liste des électeurs, l'employeur et les travailleurs règlent la contestation à l'amiable.</p>
---	--	--

<p>Iyo impaka zidakemuwe n’abakozi n’umukoresha, ikibazo cyoherezwa umugenzuzi w’umurimo w’aho ikigo gihereye.</p> <p>Iyo umugenzuzi w’umurimo adakemuye impaka, ikibazo gishyikirizwa Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze.</p>	<p>If the conflict is not settled by the employer and employees, the case is sent to labour inspector of the area where the enterprise is located.</p> <p>If the labour inspector does not settle the conflict, the case is referred to the Minister in charge of labour.</p>	<p>Si la contestation n’est pas réglée par l’employeur et les travailleurs, le cas est renvoyé à l’inspecteur du travail du lieu où se trouve l’entreprise.</p> <p>Si l’inspecteur du travail ne tranche pas la contestation, l’affaire est renvoyée au Ministre ayant le travail dans ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 8: Inteko zihujwe</u></p> <p>Iyo ikigo gikoresha umubare w’abakozi ungana cyangwa utageze kuri makumyabiri n’icyenda (29) mu nteko zombi zivugwa mu ngingo ya 7 y’iri teka, umukoresha akora inteko imwe.</p>	<p><u>Article 8: Joint colleges</u></p> <p>In case the number of employees in the enterprise equals or is less than twenty - nine (29) in the two colleges provided for in Article 7 of this Order, the employer elaborates a single college.</p>	<p><u>Article 8: Collèges mixtes</u></p> <p>Lorsqu’une entreprise emploie un nombre de travailleur égal ou inférieur a vingt-neuf (29) dans les deux collèges prévu par l’article 7 du présent arrêté, l’employeur élabore un collège unique.</p>
<p><u>Ingingo ya 9: Ibisabwa kugira ngo umukozi yemererwe gutora</u></p> <p>Kugira ngo umukozi atore agomba:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° kuba agaragara ku rutonde rw’abakozi b’ikigo; 2° kuba atarambuwe uburenganzira bwo gutora; 3° kuba amaze nibura amezi atandatu (6) akurikirana akorera ikigo mu gihe 	<p><u>Article 9: Requirements for voting</u></p> <p>In order to vote, the employee must:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° appear on the list of employees of the enterprise; 2° not have been deprived of the right to vote; 3° have been employed by the enterprise for at least six (6) consecutive months 	<p><u>Article 9: Conditions requises pour voter</u></p> <p>Pour voter, le travailleur doit:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° figurer sur la liste des travailleurs de l’entreprise; 2° ne pas avoir été déchu du droit de vote; 3° être employé continuellement par l’entreprise pendant au moins six (6)

<p>kibanziriza amatora y'intumwa z'abakozi.</p> <p>Ibivugwa mu gace ka 3° k'igika cya mbere cy'iyi ngingo ntibukurikizwa ku bigo bishya bigishingwa.</p> <p><u>Ingingo ya 10: Abatemererwa kwiyamamaza</u></p> <p>Abakozi bakurikira ntibemerewe kwiyamamariza guhagararira abakozi mu kigo:</p> <p>1° umukozi utaramara nibura umwaka mu kigo;</p> <p>2° umufasha, umwana cyangwa ababyeyi b'umukoresha cyangwa aba nyir'ikigo;</p> <p>3° umuvandimwe w'umukoresha cyangwa uwa nyir'ikigo;</p> <p>4° ugize Inama y'Ubutegetsi y'ikigo;</p> <p>5° uhagarariye ikigo mu rwego rw'amategeko;</p>	<p>before elections of employees' representatives are held.</p> <p>Provisions of point 3° of Paragraph One of this Article do not apply for newly created enterprises.</p> <p><u>Article 10: Persons not allowed to stand as candidates</u></p> <p>The following employees are not allowed to stand for elections as employees' representatives in an enterprise:</p> <p>1° employee who has not yet worked in the enterprise for at least a year;</p> <p>2° spouse, child or parents of the employer or of the owner of enterprise;</p> <p>3° brother and sister of the employer or of owner of the enterprise;</p> <p>4° member of Board of Directors of the enterprise;</p> <p>5° legal representative of the enterprise;</p>	<p>mois précédant les élections des délégués du personnel.</p> <p>Les dispositions du point 3° de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent aux entreprises nouvellement créées.</p> <p><u>Article 10: Personnes non autorisées à se présenter comme candidats</u></p> <p>Les travailleurs suivants ne sont pas autorisés à se présenter aux élections en tant que délégués du personnel dans l'entreprise:</p> <p>1° un travailleur qui n'a pas encore travaillé dans l'entreprise pendant au moins une année;</p> <p>2° un conjoint, un enfant ou des parents de l'employeur ou du propriétaire de l'entreprise;</p> <p>3° un frère et une sœur de l'employeur ou du propriétaire de l'entreprise;</p> <p>4° un membre du Conseil d'Administration de l'entreprise;</p> <p>5° un représentant légal d'une entreprise;</p>
---	---	--

<p>6° umuyobozi w'ishami rishinzwe abakozi mu kigo;</p> <p>7° undi mukozi wese ufite inshingano zishobora kugongana n'inshingano z'intumwa z'abakozi mu kigo;</p> <p>8° umuntu wese ufite ibyo akorera ikigo ariko atari umukozi muri icyo kigo.</p> <p>Ibivugwa mu gace ka mbere k'igika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa ku bigo bishya bigishingwa.</p> <p><u>Ingingo ya 11: Gutanga kandidatire</u></p> <p>Umukozi wifuza gutorerwa guhagararira abandi bakozi agomba gushyikiriza umukoresha kandidatire ye.</p> <p>Gutanga kandidatire bitangira hasigaye iminsi icumi (10) ngo itora ribe kandi bikarangira hasigaye iminsi itatu (3) ibanziriza umunsi w'itora.</p> <p>Iyo umukozi watanze kandidatire ari umunyamuryango wa sendika agaragaza impuzamasendika aturukamo.</p>	<p>6° head of human resource department;</p> <p>7° any other employee with responsibilities that can conflict with the responsibilities of employees' representative;</p> <p>8° any person who performs activities for the enterprise but who is not an employee of that enterprise.</p> <p>Provisions of point One of Paragraph One of this Article do not apply for newly created enterprises.</p> <p><u>Article 11: Submission of candidacy</u></p> <p>An employee who intends to be elected as employee representative is required to submit his or her candidacy to the employer.</p> <p>The submission of candidacy starts ten (10) days before the elections are held and closes three (3) days before the election day.</p> <p>In case an employee who submits a candidacy is a member of a trade union, he</p>	<p>6° un chef du département des ressources humaines;</p> <p>7° tout autre travailleur ayant des attributions qui peuvent entrer en conflit avec les attributions du délégué du personnel;</p> <p>8° toute personne qui effectue des activités pour l'entreprise mais qui n'est pas un travailleur de cette entreprise.</p> <p>Les dispositions du premier point de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas, en cas d'entreprises nouvellement créées.</p> <p><u>Article 11: Soumission de la candidature</u></p> <p>Un travailleur qui désire être élu comme délégué du personnel soumet sa candidature à l'employeur.</p> <p>Le dépôt de candidature commence dix (10) jours avant les élections et est clôturé trois (3) jours avant la date d'élection.</p> <p>Au cas où un travailleur qui présente sa candidature est membre d'un syndicat, il indique la fédération à laquelle il appartient.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 12: Gufata kimwe abakandida</u></p> <p>Komite y'amatora isuzuma ko ubuyobozi bw'ikigo bufata kimwe abakandida.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Kwiyamamaza</u></p> <p>Abakandida biyamamariza mu kigo mu masaha y'akazi bamaze kubyumvikanaho n'umukoresha ku bijyanye n'isaha n'iminsi.</p> <p>Birabujijwe kwiyamamaza ku munsu w'itora.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Uburyo bwo gutora n'aho batorera</u></p> <p>Intumwa z'abakozi zitorwa mu ibanga kandi itora rikabera mu nyubako z'ikigo ku minsi no ku masaha by'akazi.</p> <p>Buri cyumba cy'itora mu kigo kigomba kuba gifite nibura ubwihugiko bumwe.</p>	<p>or she indicates a federation in which he or she belongs to.</p> <p><u>Article 12: Equal treatment of candidates</u></p> <p>The electoral committee verifies whether the management of the enterprise treats all candidates equally.</p> <p><u>Article 13: Electoral campaign</u></p> <p>Candidates campaign in the enterprise within working hours after agreement with the employer with regard to time and days.</p> <p>It is forbidden to campaign on the voting day.</p> <p><u>Article 14: Modalities and venue of voting</u></p> <p>Employees' representatives are elected through secret ballots in the premises of the enterprise during working days and hours.</p> <p>Each voting room in the enterprise must have at least one polling booth.</p>	<p><u>Article 12: Traitement équitable des candidats</u></p> <p>Le comité électoral vérifie que la direction de l'entreprise traite de la même façon les candidats.</p> <p><u>Article 13: Campagne électorale</u></p> <p>Les candidats font la campagne dans l'entreprise pendant les heures de travail, après accord avec l'employeur en ce qui concerne l'heure et les jours.</p> <p>Il est interdit de faire la campagne le jour du scrutin.</p> <p><u>Article 14: Modalités et lieu de vote</u></p> <p>Les délégués du personnel sont élus au scrutin secret dans l'entreprise pendant les jours et les heures de travail.</p> <p>Chaque bureau de vote dans une entreprise doit comprendre au moins un isoloir.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 15: Kugenzura abaje gutora</u></p> <p>Mbere y'itora, abagize komite y'amatora mu kigo bagenzura ko umubare wa ngombwa w'abiyandikishije ku ilisiti y'itora wuzuye, kugira ngo itora rigire agaciro.</p> <p>Abagize komite y'amatora bagenzura ko umuntu uje gutora yanditseho ku ilisiti y'itora.</p> <p>Iyo uje gutora arangije gutora, uri mu bagize komite y'amatora ashyira ikimenyetso imbere y'izina ry'uwatoye kugira ngo hagaragazwe ko yatoye.</p>	<p><u>Article 15: Verification of voters</u></p> <p>Before the election, members of the electoral committee verify whether the quorum is obtained in order for election to be valid.</p> <p>Members of the electoral committee verify that a person who wants to vote is registered on the list of voters.</p> <p>After a voter has voted, a member of the electoral committee ticks in front of name of the voter to indicate that he or she has voted.</p>	<p><u>Article 15: Vérification des électeurs</u></p> <p>Avant l'élection, les membres du comité électoral vérifient que le quorum est atteint pour que l'élection soit valide.</p> <p>Les membres du comité électoral vérifient que toute personne qui se présente pour voter est inscrite sur la liste des électeurs.</p> <p>Lorsqu'un électeur vient de voter, un des membres du comité électoral coche devant le nom du votant pour indiquer qu'il a voté.</p>
<p><u>Ingingo ya 16: Umubare wa ngombwa kugira ngo amatora abe</u></p> <p>Kugira ngo amatora y'intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo akorwe, abakozi bose bemerewe gutora kandi biyandikishije ku ilisiti y'itora bagomba kuba bageze nibura kuri mironko itanu ku ijana (50%) by'abakozi bose b'ikigo.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Gutora</u></p> <p>Intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo batorwa hakoreshejwe impapuro z'itora. Utoratorera mu bwihugiko.</p>	<p><u>Article 16: Quorum for election</u></p> <p>In order to proceed to the elections of the employees' representatives and their substitutes, the employees entitled to vote and registered on the voting list must be at least fifty per cent (50%) of all employees of the enterprise.</p> <p><u>Article 17: Voting</u></p> <p>Employees' representatives and their substitutes are elected using ballot papers. A voter votes in a polling booth.</p>	<p><u>Article 16: Quorum pour l'élection</u></p> <p>Pour procéder aux élections des délégués du personnel et de leurs suppléants, les travailleurs habilités à voter et inscrits sur la liste électorale doivent être au moins cinquante pour cent (50%) de tous les travailleurs de l'entreprise.</p> <p><u>Article 17: Vote</u></p> <p>Les délégués du personnel et leurs suppléants sont élus en utilisant un bulletin de vote. Un électeur vote dans un isoloir.</p>

<p>Umukozi atora ashyira umukono we cyangwa igikumwe cye ku rupapuro rw'itora imbere y'amazina y'abatorwa kugira ngo yemeze ko yatoye.</p>	<p>An employee votes by signing or placing a finger print on the ballot paper in front of names of the candidates of his or her own choice to certify voting.</p>	<p>Un travailleur vote en signant ou en apposant son empreinte digital sur le bulletin de vote en face des noms des candidats de son choix pour attester qu'il a voté.</p>
<p>Umukozi umaze gutora ashyira urupapuro yatoreyeho mu gasanduku k'itora kandi agasinya imbere y'izina rye ku rutonde rw'abatora.</p>	<p>An employee places his or her ballot paper in a ballot box after voting and signs in front of his or her name on the list of voters.</p>	<p>Après avoir voté, un électeur dépose son bulletin de vote dans l'urne et signe en face de son nom sur la liste des votants.</p>
<p>Nta mukozi ushobora gutorera undi n'ubwo yaba yabiherewe uburenganzira, uretse umuntu ufite ubumuga butamwemerera gutora ufite uburenganzira bwo kwihitiramo umuntu wo kumufasha gutora.</p>	<p>No employee is authorized to vote for another even if he or she was given power of attorney, except for employee with disabilities that prevent him or her from voting who is allowed to designate a person to assist him or her in voting.</p>	<p>Nul n'est autorisé à voter au nom d'une autre personne quand bien même il en aurait reçu la procuration, exception faite d'une personne avec handicap l'empêchant de voter qui est autorisée à choisir une personne pour l'aider à voter.</p>
<p>Iyo nta bakandida babonetse kugira ngo batorwemo intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo, amatora arasubikwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y'akazi.</p>	<p>In case there are no candidates to be elected as employees' representatives and their substitutes, elections are postponed for a period not exceeding seven (7) working days.</p>	<p>Au cas où il n'y a pas de candidats des délégués du personnel et de leurs suppléants, les élections sont reportées pour un délai ne dépassant pas sept (7) jours ouvrables.</p>
<p><u>Ingingo ya 18: Kubarura amajwi</u></p>	<p><u>Article 18: Vote counting</u></p>	<p><u>Article 18: Dépouillement des voix</u></p>
<p>Komite y'amatora ihitamo abantu nibura batatu (3) bayifasha kubarura amajwi.</p>	<p>Electoral committee selects at least three (3) persons to assist in counting votes.</p>	<p>Le comité électoral choisit au moins trois (3) personnes pour l'aider à compter les voix.</p>
<p>Komite y'amatora mu kigo ibarura amajwi mu ruhame.</p>	<p>Electoral committee in the enterprise counts votes in public.</p>	<p>Le comité électoral de l'entreprise fait le dépouillement des voix en public.</p>

<p><u>Ingingo ya 19: Kubara impapuro zatoreweho</u></p> <p>Mbere yo gutangira kubarura amajwi, komite y'amatora ibanza kubara umubare w'impapuro z'itora.</p> <p>Iyo umubare w'impapuro z'itora urenga uw'abashyize umukono cyangwa igikumwe imbere y'amazina ari ku malisiti y'itora, bishyirwa mu nyandikomvugo y'amatora.</p>	<p><u>Article 19: Counting ballot papers</u></p> <p>Before proceeding with the counting of the votes, the electoral committee, counts the ballot papers.</p> <p>When the number of ballot papers is greater than the number of voters who have affixed their signature or fingerprint to the list of election, it is captured in the minutes of electoral operations.</p>	<p><u>Article 19: Dépouillement des bulletins de vote</u></p> <p>Avant de procéder au dépouillement de voix, le comité électoral compte les bulletins de vote.</p> <p>Lorsque le nombre des bulletins de vote est supérieur à celui des électeurs qui ont apposé la signature ou l'empreinte digitale sur la liste électorale, cela est enregistré dans le procès-verbal des opérations des élections.</p>
<p><u>Ingingo ya 20: Impapuro z'imfabusa</u></p> <p>Impapuro z'imfabusa zomekwa ku nyandikomvugo y'amatora.</p> <p>Urupapuro rw'itora ruba ari imfabusa iyo:</p> <p>1° ruriho amazina arenga umubare w'imyanya itorerwa;</p> <p>2° nta cyanditse ku rupapuro rw'itora;</p> <p>3° uwarukoresheje atora yimenyekanishije;</p>	<p><u>Article 20: Invalid ballot papers</u></p> <p>Invalid ballot papers are attached to the elections' minutes.</p> <p>The ballot paper is invalid if:</p> <p>1° it contains names exceeding the number of seats to fill;</p> <p>2° nothing is written on the ballot paper;</p> <p>3° a voter who used it has identified himself or herself;</p>	<p><u>Article 20: Bulletins nuls</u></p> <p>Les bulletins de vote nuls sont annexés au procès-verbal des élections.</p> <p>Un bulletin de vote est nul si:</p> <p>1° il contient des noms dépassant le nombre des sièges à pourvoir;</p> <p>2° rien n'est écrit sur le bulletin de vote;</p> <p>3° un électeur l'ayant utilisé s'est identifié;</p>

<p>4° rufite ibara ritandukanye n'iryakoreshejwe mu itora;</p> <p>5° rwanditseho amazina y'abantu batatanze kandidatire zabo;</p> <p>6° rutandukanye n'izakoreshejwe mu matora.</p>	<p>4° it is of a different colour from that used in the election;</p> <p>5° it contains names of persons who did not present their candidacy;</p> <p>6° it is different from used ballots.</p>	<p>4° il est d'une couleur différente de celle qui a été utilisée dans l'élection;</p> <p>5° il contient des noms de personnes qui n'ont pas présenté leurs candidatures;</p> <p>6° il est différent des bulletins utilisés.</p>
<p><u>Ingingo ya 21: Inyandikomvugo y'ibikorwa by'amatora</u></p> <p>Amatora akirangira, abagize komite y'amatora y'intumwa z'abakozi bakora inyandikomvugo y'ibikorwa by'amatora ikohererezwa umukoresha kandi bakagera kopi umugenzuzi w'umurimo mu Karere.</p> <p>Inyandikomvugo y'amatora igaragaza nibura iby'ingenzi bikurikira:</p> <p>1° izina ry'ikigo, Akarere, Umurenge n'Akagari gihereyemo;</p> <p>2° umubare w'abakozi bose, uw'abatoye n'uw'abatowe;</p>	<p><u>Article 21: Statement on the electoral operations</u></p> <p>At the end of the elections, members of the electoral committee make a statement on the electoral operations and send it to the employer with copy to the District labour inspector.</p> <p>The statement on the electoral operations indicates at least the following major elements:</p> <p>1° name of enterprise, District, Sector and Cell where it is located;</p> <p>2° number of all employees, those who voted and those who are voted;</p>	<p><u>Article 21: Procès-verbal des opérations des élections</u></p> <p>A la fin des élections, les membres du comité électoral rédigent un procès-verbal des opérations des élections et l'envoient à l'employeur avec une copie à l'inspecteur du travail du District.</p> <p>Le procès-verbal des opérations des élections indique au moins les principaux éléments suivants:</p> <p>1° le nom de l'entreprise, le District, le Secteur et la Cellule dans lesquels elle se trouve;</p> <p>2° le nombre total de tous les travailleurs, ceux qui ont voté et ceux qui sont votés;</p>

<p>3° umubare w'amajwi nyayo abiyamamaje babonye;</p> <p>4° amazina y'abatowe.</p> <p><u>Ingingo ya 22: Gutangaza ibyavuye mu matora</u></p> <p>Komite y'amatora itangaza kandi ikamanika ahabugenewe mu kigo ibyavuye mu matora mu gihe kitarenze iminsi ibiri (2) ikurikira amatora.</p> <p><u>Ingingo ya 23: Ibirego ku byavuye mu matora</u></p> <p>Umukozi cyangwa uhagarariye sendika ashobora gushyikiriza komite y'amatora ikirego ku byavuye mu matora mu masaha mirongo ine n'umunani (48) nyuma yo gutangaza ibyavuyemo. Komite y'amatora itanga igisubizo mu masaha mirongo irindwi n'abiri (72).</p> <p>Iyo ikibazo kidakemuwe na komite y'amatora, gishyikirizwa umugenzuzi w'umurimo w'Akarere mu minsi itatu (3) y'akazi ibarwa uherye ku masaha mirongo irindwi n'abiri (72) avugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, na we agatanga</p>	<p>3° exact number of votes obtained by candidates;</p> <p>4° names of elected.</p> <p><u>Article 22: Publication of election results</u></p> <p>The electoral committee publishes and posts the results of election on the enterprise' notice board in a period not exceeding two (2) days following elections.</p> <p><u>Article 23: Complaints on elections results</u></p> <p>An employee or a member of trade union may lodge a complaint on elections results to the electoral committee in forty eight (48) hours after the publication of the elections results . The electoral committee provides a response within seventy two (72) hours.</p> <p>In case the complaint is not solved by the electoral committee, it is submitted to the District labour inspector in three (3) working days following the seventy two (72) hours referred to in Paragraph One of this Article who, in also responds within two (2) days from the receipt of the complaint.</p>	<p>3° le nombre exact de voix obtenues par les candidats;</p> <p>4° les noms des élus.</p> <p><u>Article 22: Publication des résultats des élections</u></p> <p>Le comité électoral publie et affiche les résultats des élections sur le tableau d'affichage de l'entreprise dans un délai ne dépassant pas deux (2) jours suivant les élections.</p> <p><u>Article 23: Plaintes sur les résultats des élections</u></p> <p>Un travailleur ou un membre du syndicat peut déposer une plainte sur les résultats des élections au comité électoral dans les quarante -huit (48) heures suivant la publication des résultats des élections . Le comité électoral fournit une réponse dans soixante-douze (72) heures.</p> <p>Si la plainte n'est pas résolue par le comité électoral, elle est soumise à l'inspecteur du travail de District dans les trois (3) jours ouvrables suivant les soixante-douze (72) heures visées à l'alinéa premier du présent article qui, à son tour, donne une réponse</p>
--	---	---

<p>igisubizo mu minsi ibiri (2) ibarwa uherye igihe yakiriye ikirego.</p> <p>Iyo ikibazo kidakemuwe n’umugenzuzi w’umurimo w’Akarere, gishyikirizwa Minisitiri ufite umurimo mu nshingano mu minsi itanu (5) na we agafata icyemezo mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1).</p> <p><u>Ingingo ya 24: Gukosora ibyavuye mu matora</u></p> <p>Komite y’amatora ishobora:</p> <p>1° kwemeza ko umukandida atemerewe gutorwa, ikamusimbuza undi wabonye amajwi menshi;</p> <p>2° gusesa itora iyo ryakozwe mu buryo butemewe n’iri teka.</p> <p>Iyo itora risheshwe, hakorwa irindi mu minsi makumyabiri (20) ibarwa uherye ku munsu w’iseswa.</p>	<p>In case the complaint is not solved by the District labour inspector, it is submitted to the Minister in charge of labour within five (5) days, who in turn takes a decision within one (1) month.</p> <p><u>Article 24: Rectification of voting results</u></p> <p>The electoral committee may:</p> <p>1° decide that a candidate is not eligible and replace him or her with another candidate who has obtained the highest votes;</p> <p>2° nullify the election if it was conducted contrary to the provisions of this Order.</p> <p>When an election is nullified, another election is conducted within twenty (20) days from the date of annulment.</p>	<p>dans les deux (2) jours à compter de la réception de la plainte.</p> <p>Si la plainte n’est pas résolue par l’inspecteur du travail de District, elle est soumise au Ministre ayant le travail dans ses attributions dans cinq (5) jours qui, à son tour, prend une décision endéans un (1) mois.</p> <p><u>Article 24: Rectification des résultats de vote</u></p> <p>Le comité électoral peut:</p> <p>1° décider qu’un candidat n’est pas éligible et le remplacer par un autre ayant obtenu le plus de voix;</p> <p>2° annuler l’élection si elle a eu lieu en violation des dispositions du présent arrêté.</p> <p>Lorsqu’une élection est annulée, une nouvelle élection est faite dans les vingt (20) jours à compter de la date d’annulation.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 25: Komite ihuza intumwa z’abakozi</u></p> <p>Iyo amatora arangiye, intumwa z’abakozi n’abasimbura bazo bitoramo komite ibahuza bakabimenyeshya umukoresha mu nyandiko.</p> <p>UMUTWE WA IV: INSHINGANO Z’INTUMWA Z’ABAKOZI N’UBURYO BWO KUZISHYIRA MU BIKORWA</p> <p><u>Icyiciro cya mbere: Inshingano z’intumwa z’abakozi</u></p> <p><u>Ingingo ya 26: Inshingano z’intumwa z’abakozi</u></p> <p>Intumwa z’abakozi zifite inshingano zikurikira:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° guhagararira abakozi ku bibazo byose bivuka ku murimo; 2° kugeza ku bugenzuzi bw’umurimo ikirego cyangwa ikibazo cyose cyerekeye ikurikizwa ry’amategeko; 	<p><u>Article 25: Employees’ representatives coordination committee</u></p> <p>After elections, employees’ representatives and their substitutes elect among themselves a coordination committee and inform the employer in writing.</p> <p>CHAPTER IV: RESPONSIBILITIES OF EMPLOYEES’ REPRESENTATIVES AND MODALITIES FOR THEIR FULFILMENT</p> <p><u>Section One: Responsibilities of employees’ representatives</u></p> <p><u>Article 26: Responsibilities of employees’ representatives</u></p> <p>Employees’ representatives have the following responsibilities:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° to represent the employees in all matters related to work; 2° to submit to the labour inspection any complaint or any issue relating to application of the laws; 	<p><u>Article 25: Comité de coordination des délégués du personnel</u></p> <p>Après les élections, les délégués du personnel et leurs suppléants élisent parmi eux un comité de coordination et en informent l’employeur par écrit.</p> <p>CHAPITRE IV: ATTRIBUTIONS DES DÉLÉGUÉS DU PERSONNEL ET MODALITÉS DE LEUR ACCOMPLISSEMENT</p> <p><u>Section première: Attributions des délégués du personnel</u></p> <p><u>Article 26: Attributions des délégués du personnel</u></p> <p>Les délégués du personnel ont des attributions suivantes:</p> <ol style="list-style-type: none"> 1° représenter les travailleurs dans toutes les questions en rapport avec le travail; 2° soumettre à l’inspection du travail toute plainte ou différend concernant l’application des lois;
---	---	--

<p>3° gukora ku buryo amategeko yerekeye ubuzima n’umutekano by’umukozi akurikizwa no gutanga inama zatuma yubahirizwa;</p> <p>4° gutanga ibitekerezo ku byerekeye ingamba zo kugabanya abakozi n’ibizashingirwaho, bitewe n’uko imirimo yabaye mike cyangwa umukoresha yagennye guhindura imiterere n’imikorere y’ikigo;</p> <p>5° kumenyesha umukoresha ibyakorwa byose kugira ngo akazi k’ikigo kagende neza n’umusaruro wiyongere.</p>	<p>3° to ensure that laws relating to employee’s health and safety are complied with and provide advice on ensure compliance;</p> <p>4° to provide opinions on measures and conditions of reducing employees due to lack of employment or the employer’s decision to restructure the enterprise;</p> <p>5° to inform the employer of what can be done for the smooth running of the work and the improvement of production in the enterprise.</p>	<p>3° veiller à ce que les lois relatives à la santé et à la sécurité du travailleur soient respectées et donner des conseils en vue de leur respect;</p> <p>4° donner des avis sur les mesures et les conditions de réduction des travailleurs en raison du manque d’emploi ou de la décision de l’employeur de restructurer l’entreprise;</p> <p>5° informer l’employeur de ce qui peut être fait pour le bon déroulement du travail et l’amélioration de la production dans l’entreprise.</p>
<p><u>Icyiciro cya 2:</u> Uburyo intumwa z’abakozi zishyira mu bikorwa inshingano zazo</p>	<p><u>Section 2:</u> Modalities for fulfilment of responsibilities by employees’ representatives</p>	<p><u>Section 2:</u> Modalités d’accomplissement des attributions des délégués du personnel</p>
<p><u>Ingingo ya 27:</u> Umwanya wo gushyira mu bikorwa inshingano z’intumwa y’abakozi</p>	<p><u>Article 27 :</u> Time for fulfilling responsibilities of employees’ representative</p>	<p><u>Article 27:</u> Temps pour remplir des attributions d’un délégué du personnel</p>
<p>Intumwa y’abakozi igenerwa umwanya wihariye mu kwezi wo gutunganya umurimo wayo wemejwe n’amasezerano rusange y’umurimo cyangwa ubwumvikane bwihariye n’umuyobozi w’ikigo. Icyo gihe gifatwa nk’amasaha y’akazi y’intumwa y’abakozi.</p>	<p>An employees’ representative is given a specified time on a monthly basis for the execution of his or her responsibilities as agreed upon through collective agreements or particular agreement with the employer. The time is considered as the employees’ representative working hours.</p>	<p>Un délégué du personnel bénéficie mensuellement d’un temps spécifique pour remplir ses attributions tel que convenu dans des conventions collectives ou l’accord particulier avec l’employeur. Ce temps fait partie des heures de travail du délégué du personnel.</p>

<p>Umwanya utakoreshejwe ntushobora gushyirwa mu kwezi gutaha cyangwa ngo ube watangirwa indi ngurane.</p> <p>Umusimbura ahabwa umwanya wihariye wo kurangiza inshingano ze iyo ari mu kigwi cy'uhagarariye abakozi. Iyo amusimbura igihe gito kubera impamvu zizwi, umwanya akoresha uvanwa ku wagenewe uhagarariye abakozi.</p>	<p>Unused time cannot be carried forward to the following month or be subject to any compensation whatsoever.</p> <p>A substitute is given a specific time for fulfilling his or her responsibilities when he or she is replacing an employee 's representative. In case of temporary replacement due to justifiable absence, the time used by substitute is deducted from the time entitled to the employee 's representative.</p>	<p>Le temps non utilisé ne peut être reporté au mois suivant ni faire l'objet d'une compensation quelconque.</p> <p>Un suppléant bénéficie d'un temps spécifique pour remplir ses attributions lorsqu'il remplace un délégué du personnel. En cas de remplacement temporaire dû à une absence excusable, le temps utilisé par un suppléant est déduit du temps dont bénéficie le délégué du personnel.</p>
<p><u>Ingingo ya 28: Aho gukorera inama</u></p> <p>Umukoresha agomba guha intumwa z'abakozi ahantu zishobora gukorera inama kugira ngo zirangize inshingano zazo. Ku bakorera hanze hatari ibyumba, umukoresha yorohereza uko bishoboka kose inama z'intumwa z'abakozi.</p>	<p><u>Article 28: Place of meeting</u></p> <p>The employer must provide to employees ' representatives a place where they can conduct meetings in order to enable them to accomplish their attributions . In case of open sites where there are no rooms, the employer facilitates the meetings of the employees ' representatives to the possible extent.</p>	<p><u>Article 28: Lieu de réunion</u></p> <p>L'employeur doit fournir aux délégués du personnel un lieu où ils peuvent tenir des réunions afin de leurs permettre d'accomplir leurs attributions. Si le lieu de travail est à ciel ouvert où il n'y a pas des locaux, l'employeur facilite dans toute la mesure du possible les réunions des délégués du personnel.</p>
<p><u>Ingingo ya 29: Amatangazo y'intumwa z'abakozi</u></p> <p>Intumwa z'abakozi zemerewe gutanga amatangazo ajyanye n'imirimo zishinzwe. Ayo matangazo anyuzwa ku muyobozi w'ikigo mbere yo gutangazwa.</p>	<p><u>Article 29: Announcements of employees' representatives</u></p> <p>Employees ' representatives are allowed to share announcements related to their mission. Those announcements pass by the head of the enterprise before being published.</p>	<p><u>Article 29: Communiqués des délégués du personnel</u></p> <p>Les délégués du personnel sont autorisés à rendre publics les communiqués liés à leur mission. Ces communiqués passent par le chef d'entreprise avant d'être publiés.</p>

<p><u>Ingingo ya 30:</u> Guha intumwa z’abakozi amakuru ya ngombwa</p> <p>Uretse amakuru ashobora kubangamira inyungu z’ikigo mu gihe atangajwe, umuyobozi w’ikigo agomba guha intumwa z’abakozi amakuru ya ngombwa ku bikorwa by’ikigo, mu gihe ziyasabye kugira ngo zishobore kurangiza inshingano zazo.</p> <p>Impande zombi zumvikana ku miterere y’amakuru ya ngombwa agomba gutangwa.</p> <p>Amakuru ya ngombwa agomba gutangwa akubiyemo nibura ayarekeranye na:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° ibaruramutungo ry’umwaka; 2° inyandiko zigaragaza urwunguko n’igihombo; 3° imigambi igamije guteza imbere ikigo. 	<p><u>Article 30:</u> Providing necessary information to employees’ representatives</p> <p>Except for information whose disclosure may prejudice the interests of the enterprise, the head of enterprise provides to employees’ representatives key enterprise information on business status, upon request, to ensure effective execution of their responsibilities.</p> <p>Both parties agree on the nature of key information to be provided.</p> <p>Key information to be provided include at least those related to:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° annual balance sheets; 2° profit and loss accounts; 3° company’s development plans. 	<p><u>Article 30:</u> Donner des informations nécessaires aux délégués du personnel</p> <p>Sauf pour les informations dont la divulgation peut causer un grave préjudice aux intérêts de l’entreprise, le chef d’entreprise doit donner aux délégués du personnel les informations clés sur les affaires de l’entreprise, lorsqu’ils en font la demande afin de faciliter l’accomplissement de leurs attributions.</p> <p>Les deux parties se mettent d’accord sur le genre d’informations nécessaires à donner.</p> <p>Les informations clés devant être fournies comprennent au moins celles relatives aux:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° bilans annuels; 2° comptes de profits et de pertes; 3° plans de développement de l’entreprise.
<p><u>Ingingo ya 31:</u> Gukorana inama n’intumwa z’abakozi n’abasimbura bazo</p> <p>Nibura rimwe mu mwaka, umukoresha akorana inama n’intumwa z’abakozi</p>	<p><u>Article 31:</u> Meeting with employees’ representatives and their substitutes</p> <p>At least once a year, the employer jointly meets employees representatives and their</p>	<p><u>Article 31:</u> Réunion avec les délégués du personnel et leurs suppléants</p> <p>Au moins une fois par an, l’employeur fait une réunion avec les délégués du personnel</p>

<p>n'abasimbura bazo kugira ngo bungurane ibitekerezo ku bijyanye n'akazi, bemeze raporo ku bibazo byagaragajwe mbere, uko byakemuwe, kandi bafate imyanzuro ku bibazo bitashubijwe.</p> <p>Iyo hari impamvu yihutirwa, intumwa z'abakozi zakirwa n'umukoresha ku buryo bwihutirwa zibisabye, zaba ziri hamwe cyangwa imwe ku giti cyayo, hakurikijwe imiterere y'ibibazo bigomba gusuzumwa.</p> <p><u>Ingingo ya 32: Kugira ibanga</u></p> <p>Intumwa y'abakozi yose igomba kugira ibanga ry'akazi n'ubwo yaba itakiri intumwa y'abakozi mu kigo bireba.</p> <p><u>Ingingo ya 33: Gutumira mu nama impunguke cyangwa abayobozi</u></p> <p>Intumwa z'abakozi zishobora gusaba impuguke cyangwa abayobozi kwitabira inama z'intumwa z'abakozi, iyo hari ikibazo cyihariye cyigwa kugira ngo zibagishe inama cyangwa bazihe amakuru ku kibazo cyigwa.</p>	<p>substitutes in order to exchange views on employment matters, adopt a report on previously raised issues, how they were treated and take due resolutions about the pending ones.</p> <p>In case of emergency, employees' representatives are received by the employer upon their request without delay either collectively or individually, depending on the nature of the issues to be examined.</p> <p><u>Article 32: Professional secrecy</u></p> <p>An employee representative must maintain professional secrecy even when he or she is no longer an employee's representative within the concerned enterprise.</p> <p><u>Article 33: Invitation to meetings of experts or managers</u></p> <p>Employees' representatives may invite experts or managers to attend employees' representatives meetings when dealing with a particular issue to give advice or information on the issue on agenda.</p>	<p>et leurs suppléants pour échanger des vues sur des questions liées à l'emploi, adopter un rapport sur les problèmes précédemment invoqués et leur règlement et prendre des résolutions sur les problèmes non résolus.</p> <p>En cas d'urgence, les délégués du personnel sont reçus, par l'employeur, à leur demande et sans retard, soit collectivement, soit individuellement, selon la nature des questions à traiter.</p> <p><u>Article 32: Secret professionnel</u></p> <p>Un délégué du personnel est tenu au secret professionnel même lorsqu'il a cessé d'être délégué du personnel au sein de l'entreprise concernée.</p> <p><u>Article 33: Invitation des experts ou des cadres</u></p> <p>Des délégués du personnel peuvent inviter des experts ou des cadres dirigeants pour participer à leurs réunions lorsqu'ils traitent une question particulière afin de leur donner un avis ou une information sur une question à l'ordre du jour.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 34: Igitabo cyandikwamo ibibazo n'ibitekerezo</u></p> <p>Kuri buri shami ry'ikigo, hashyirwaho igitabo cyabugenewe cyandikwamo ibibazo n'ibyifuzo by'intumwa z'abakozi n'ibisubizo umukoresha yatanze.</p> <p>Icyo gitabo kigomba kuba aho abakozi b'ikigo bashobora kugisanga mu gihe bashatse kumenya ibirimo. Kigomba kandi kwerekwa umugenzuzi w'umurimo ukorera ku Karere cyangwa ku rwego rw'igihugu, igihe abisabye.</p> <p><u>UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</u></p>	<p><u>Article 34: Register of complaints and suggestions</u></p> <p>At every branch of enterprise, a special register is kept for recording complaints and suggestions made by employees' representatives as well as the replies of the employer.</p> <p>That register must be made available to the employees of the enterprise in case they wish to know what is recorded in. It is also shown to the labour inspector at District level or national level, upon request.</p> <p><u>CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>Article 34: Registre des plaintes et des suggestions</u></p> <p>À chaque branche de l'entreprise, il est tenu un registre spécial pour enregistrement des plaintes et des suggestions faites par les délégués du personnel ainsi que des réponses de l'employeur.</p> <p>Ce registre doit être mis à la disposition des travailleurs de l'entreprise au cas où ils souhaitent savoir ce qui y est enregistré. Il est également montré à l'inspecteur du travail au niveau du District ou au niveau national, sur sa demande.</p> <p><u>CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 35: Gusimbura intumwa y'abakozi</u></p> <p>Gusimbura intumwa y'abakozi bikorwa mu bihe bikurikira:</p> <p>1° kutaboneka kubera impamvu yumvikana;</p> <p>2° urupfu;</p> <p>3° gusezera ku kazi;</p>	<p><u>Article 35: Replacement of an employees' representative</u></p> <p>Replacement of an employees' representative is done in the following circumstances:</p> <p>1° absence with excuse;</p> <p>2° death;</p> <p>3° resignation;</p>	<p><u>Article 35: Remplacement d'un délégué du personnel</u></p> <p>Le remplacement d'un délégué du personnel se fait dans les cas suivants:</p> <p>1° l'absence excusable;</p> <p>2° le décès;</p> <p>3° la démission;</p>

<p>4° kurangira kw'amasezerano;</p> <p>5° kwirukanwa;</p> <p>6° kwimuriwa ahandi;</p> <p>7° ihindurwa ry'urwego rw'umurimo rishyira umukozi mu cyiciro cy'abatemerewe kuba intumwa z'abakozi;</p> <p>8° kujya mu kiruhuko cy'izabukuru;</p> <p>9° kubura uburenganzira bwo guhagararira abakozi.</p>	<p>4° end of contract;</p> <p>5° dismissal;</p> <p>6° transfer;</p> <p>7° change of professional category ranking the employee in the category of persons non-eligible to be employees' representative;</p> <p>8° retirement;</p> <p>9° loss of eligibility to represent employees.</p>	<p>4° la fin de contrat;</p> <p>5° le licenciement;</p> <p>6° la mutation;</p> <p>7° le changement de la catégorie professionnelle mettant l'employé dans la catégorie des personnes non-éligibles pour être délégués du personnel;</p> <p>8° la retraite;</p> <p>9° la perte d'éligibilité de représenter les travailleurs.</p>
<p><u>Ingingo ya 36: Kurengera intumwa z'abakozi</u></p>	<p><u>Article 36: Protection of employees' representatives</u></p>	<p><u>Article 36: Protection des délégués du personnel</u></p>
<p>Intumwa y'abakozi ntishobora kwirukanwa hashingiwe ku ishyirwa mu bikorwa ry'inshingano zayo.</p>	<p>An employees' representative cannot be dismissed on the basis of fulfilment of his or her duties.</p>	<p>Un délégué du personnel ne peut pas être licencié en raison de l'accomplissement de ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 37: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></p>	<p><u>Article 37: Repealing provision</u></p>	<p><u>Article 37: Disposition abrogatoire</u></p>
<p>Iteka rya Minisitiri n° 09 ryo ku wa 13/07/2010 rigena uburyo intumwa z'abakozi zitorwa n'uko zuzuzwa inshingano zazo n'ingingo zose zinyuranyije n'iri teka bivanyweho.</p>	<p>Ministerial Order n° 09 of 13/07/2010 determining the modalities of electing workers' representatives and fulfilment of their duties and all prior provisions contrary to this Order are repealed.</p>	<p>L'Arrêté Ministériel n° 09 du 13/07/2010 déterminant les modalités d'élection des délégués du personnel et les conditions d'exercice de leur mission et toutes les</p>

<p><u>Ingingo ya 38: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 38: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.</p> <p><u>Article 38: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p>Kigali, ku wa 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo</p>	<p>Kigali on 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minister of Public Service and Labour</p>	<p>Kigali, le 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Ministre de la Fonction Publique et du Travail</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 004/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA SERIVISI ZITAGOMBA GUHUNGABANYWA MU GIHE CY'IHAGARIKWA RY'IMIRIMO CYANGWA ICY'IFUNGWA RY'IKIGO</p> <p style="text-align: center;"><u>ISHAKIRO</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Serivisi zidahungabanywa zerekeranye n'uburenganzira bwo kubaho, ubuzima no guhana amakuru</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Serivisi zidahungabanywa zerekeye uburenganzira bw'urujya n'uruza rw'abantu, ubutabazi n'uburezi</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Serivisi zidahungabanywa zitemerewe guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo</p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Imenyekanisha ry'ishyirwa mu bikorwa ry'uburenganzira bwo guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 004/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING ESSENTIAL SERVICES THAT SHOULD NOT BE INTERRUPTED DURING STRIKE OR LOCK-OUT</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE OF CONTENTS</u></p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p> <p><u>Article 2:</u> Essential services related to the right to life, health and communication</p> <p><u>Article 3:</u> Essential services related to freedom of movement of people, rescue and education</p> <p><u>Article 4:</u> Essential services for which strike or lock-out is prohibited</p> <p><u>Article 5:</u> Notification of the decision to exercise the right to strike or lock-out</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 004/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LES SERVICES INDISPENSABLES QUI NE DOIVENT PAS ÊTRE INTERROMPUS PENDANT LA GRÈVE OU LE LOCK-OUT</p> <p style="text-align: center;"><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p> <p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p> <p><u>Article 2:</u> Services indispensables liés au droit à la vie, à la santé et à la communication</p> <p><u>Article 3:</u> Services indispensables liés à la liberté de circulation des personnes, au secours et à l'éducation</p> <p><u>Article 4:</u> Services indispensables pour lesquels la grève ou le lock-out sont interdits</p> <p><u>Article 5:</u> Notification de l'exercice du droit de grève ou de lock-out</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 6:</u> Inzego zimenyeshwa icyemezo cyo gukoresha uburenganzira bwo guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo</p>	<p><u>Article 6:</u> Organs notified of the decision to exercise the right to strike or lock-out</p>	<p><u>Article 6:</u> Organes informés de la décision d'exercer le droit de grève ou de lock-out</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Irangira ry'ihagarikwa ry'imirimo n'ifungwa ry'ikigo</p>	<p><u>Article 7:</u> End of strike or lock-out</p>	<p><u>Article 7:</u> Fin de la grève et du lock-out</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Ibihe bibujijwemo guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo</p>	<p><u>Article 8:</u> Prohibited time to exercise a strike or lock-out</p>	<p><u>Article 8:</u> Périodes pendant lesquelles la grève ou le lock-out est interdit</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Ivanwaho ry'Iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p>	<p><u>Article 9:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 9:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 10:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 10:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 004/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA SERIVISI ZITAGOMBA GUHUNGABANYWA MU GIHE CY’IHAGARIKWA RY’IMIRIMO CYANGWA ICY’IFUNGWA RY’IKIGO</p> <p>Minisitiri w’Abakozi ba Leta n’Umurimo;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n’iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 110;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 04 ryo ku wa 13/07/2010 rigena ibikorwa bidahungabanywa bitagomba guhagarara n’uburyo uburenganzira ku guhagarika imirimo bukoreshwa muri ibyo bikorwa;</p> <p>Inama y’Abaminisitiri yateranye ku wa 28/01/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 004/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING ESSENTIAL SERVICES THAT SHOULD NOT BE INTERRUPTED DURING STRIKE OR LOCK-OUT</p> <p>The Minister of Public Service and Labour;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda, especially in Article 110;</p> <p>Having reviewed Ministerial Order n° 04 of 13/07/2010 determining essential services that should not stop and the terms and conditions of exercising the right to strike in these services;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 28/01/2020;</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 004/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LES SERVICES INDISPENSABLES QUI NE DOIVENT PAS ÊTRE INTERROMPUS PENDANT LA GRÈVE OU LE LOCK-OUT</p> <p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 110;</p> <p>Revu l’Arrêté Ministériel n° 04 du 13/07/2010 déterminant les services indispensables et les modalités d’exercice du droit de grève dans ces services;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/01/2020;</p>
--	--	--

ATEGETSE:	ORDERS:	ARRÊTE:
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena serivisi zidahungabanywa zitagomba guhagarara mu gihe cy'ihagarikwa ry'imirimo cyangwa icy'ifungwa ry'ikigo n'uburyo bwo gukoresha uburenganzira bwo guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Serivisi zidahungabanywa zerekeranye n'uburenganzira bwo kubaho, ubuzima no guhana amakuru</u></p> <p>Guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo ntibigomba guhungabanya cyangwa guhagarika serivisi n'imirimo bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° serivisi z'ubuvuzi; 2° ikwirakwiza ry'amazi; 3° ikwirakwizwa ry'umuriro w'amashanyarazi; 4° serivisi n'imirimo bijyanye n'ubucuruzi no guhaha ibiribwa by'ibanze; 5° serivisi n'imirimo bijyanye no kuyora no gutwara imyanda; 	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines essential services that must not be interrupted during the strike or lock-out and modalities of exercising the right to strike or lock-out.</p> <p><u>Article 2: Essential services related to the right to life, health and communication</u></p> <p>Strike or lock-out must not interrupt or stop the following services:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° medical services; 2° water distribution; 3° electricity distribution; 4° business services and activities related to the purchase of basic food stuffs; 5° services and activities related to the collection and transport of waste; 	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine les services indispensables qui ne doivent pas être interrompus pendant la grève ou le lock-out et les modalités d'exercice du droit de grève ou de lock-out.</p> <p><u>Article 2: Services indispensables liés au droit à la vie, à la santé et à la communication</u></p> <p>La grève ou le lock-out ne doit pas interrompre ou arrêter les services suivants:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° les services médicaux; 2° la distribution d'eau; 3° la distribution d'électricité; 4° les services et activités d'affaires liés à l'achat des aliments de base; 5° les services et activités liés au ramassage et transport des déchets;

<p>6° serivisi z'isakazamajwi n'itumanaho-kwirakwiza nka radiyo, televiziyo, interineti n'ubundi buryo bukoreshwa mu gutanga amakuru hagamijwe inyungu rusange.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Serivisi zidahungabanywa zerekeye uburenganzira bw'urujya n'uruza rw'abantu, ubutabazi n'uburezi</u></p> <p>Guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo ntibigomba guhungabanya cyangwa guhagarika serivisi zikurikira zerekeye uburenganzira bw'urujya n'uruza rw'abantu, ubutabazi n'uburezi:</p> <p>1° gutwara abantu n'ibintu;</p> <p>2° kugemura, gukwirakwiza no kugurisha lisansi cyangwa ibindi bikomoka kuri peteroli bikoreshwa n'ibinyabiziga, amato n'indege;</p> <p>3° serivisi zikorera ku bibuga by'indege n'izijyanye no kuyobora indege;</p> <p>4° imirimo na serivisi by'ubutabazi bikorwa n'imiryango itabara imbabare cyangwa</p>	<p>6° transmission and telecommunication services like radio and television, internet and other means of communication and distribution of information for public interest.</p> <p><u>Article 3: Essential services related to freedom of movement of people, rescue and education</u></p> <p>Strike or lock-out must not interrupt or stop the following services related to freedom of movement of people, rescue and education:</p> <p>1° transportation;</p> <p>2° supply, distribution and selling of fuel or any other petroleum product used by vehicles, ships and airplanes;</p> <p>3° activities carried out at airports and those connected to air traffic control;</p> <p>4° emergency services and relief activities carried out by humanitarian organisations or</p>	<p>6° les services de transmission et de télécommunication comme la radio, la télévision, l'internet et autres moyens de communication et de diffusion d'information pour l'intérêt public.</p> <p><u>Article 3: Services indispensables liés à la liberté de circulation des personnes, au secours et à l'éducation</u></p> <p>La grève ou le lock-out ne doit pas interrompre ou arrêter les services suivants liés à la liberté de circulation des personnes, au secours et à l'éducation:</p> <p>1° le transport;</p> <p>2° la fourniture, la distribution et la vente d'essence ou de tout autre produit pétrolier utilisé par des véhicules, des navires et des avions;</p> <p>3° les services effectués aux aéroports et ceux en rapport avec le contrôle du trafic aérien;</p> <p>4° les services d'urgence et les activités de secours exécutés par des organisations humanitaires ou des</p>
---	---	---

<p>amashyirahamwe akora ibikorwa by'ubutabazi;</p> <p>5° serivisi n'imirimo bigamije kuzimya inkongi y'umuriro;</p> <p>6° serivisi z'uburezi.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Serivisi zidahungabanywa zitemerewe guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo</u></p> <p>Serivisi zishinzwe umutekano ntizishobora guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Imenyekanisha ry'ishyirwa mu bikorwa ry'uburenganzira bwo guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo</u></p> <p>Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo ya 2, iya 3 n'ya 4 z'iri teka, abakozi cyangwa abakoresha bategura guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo bagomba kubimenyesha inzego zibishinzwe ziri aho bizakorerwa, mbere y'uko bitangira.</p> <p>Abakozi cyangwa abakoresha bategura guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo bagomba kwerekana serivisi zidahungabanywa zitagomba guhagarara,</p>	<p>associations involved in humanitarian activities;</p> <p>5° services and activities related to fire extinguishing;</p> <p>6° education services.</p> <p><u>Article 4: Essential services for which strike or lock-out is prohibited</u></p> <p>Security services cannot strike or be locked out.</p> <p><u>Article 5: Notification of the decision to exercise the right to strike or lock-out</u></p> <p>Subject to provisions of Articles 2, 3 and 4 of this Order, employees or employers who are organising a strike or a lock-out must inform relevant authorities in the area of exercising the strike or lock-out before its commencement.</p> <p>Employees or employers who organise strike or lock-out must indicate essential services that must not stop, give a</p>	<p>associations exerçant des activités humanitaires;</p> <p>5° les services et activités liés à l'extinction d'incendie;</p> <p>6° les services d'éducation.</p> <p><u>Article 4: Services indispensables pour lesquels la grève ou le lock-out sont interdits</u></p> <p>Les services de sécurité ne peuvent pas faire la grève ou mis en lock-out.</p> <p><u>Article 5: Notification de l'exercice du droit de grève ou de lock-out</u></p> <p>Sous réserve des dispositions des articles 2, 3 et 4 du présent arrêté, les travailleurs ou les employeurs qui organisent la grève ou le lock-out doivent informer les autorités compétentes du lieu où va s'exercer la grève ou le lock-out avant son commencement.</p> <p>Les travailleurs ou les employeurs qui organisent la grève ou le lock-out doivent indiquer les services indispensables qui ne doivent pas être interrompus, donner le</p>
--	--	--

<p>bakanatanga gahunda n'ingengabihe y'uburyo bizakorwa.</p> <p><u>Ingingo va 6:</u> Inzego zimenyeshwa icyemezo cyo gukoresha uburenganzira bwo guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo</p> <p>Abakozi cyangwa abakoresha bateganya guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo mu karere kamwe bagomba kwandikira Umuyobozi w'Akarere, bakagera kopi Guverineri w'Intara bireba, Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze na Minisitiri ufite umutekano mu nshingano ze.</p> <p>Iyo guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo bizakorwa mu turere turenze kamwe, abakozi cyangwa abakoresha bandikira Guverineri w'Intara bireba, bakagera kopi Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, Minisitiri ufite umutekano mu nshingano ze na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze.</p> <p>Iyo guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo bizakorwa mu Mujyi wa Kigali, ibaruwa imenyeshya ishyikirizwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali,</p>	<p>programme and schedule of conducting the strike or lock-out.</p> <p><u>Article 6:</u> Organs notified of the decision to exercise the right to strike or lock-out</p> <p>Employees or employers who organise a strike or lock-out in one district must notify in writing the Mayor of the District and provide a copy to the Governor of the concerned Province, the Minister in charge of local government, the Minister in charge of labour and to the Minister in charge of internal security.</p> <p>Where the strike or lock-out is to be carried out in more than one district, the notification is addressed to the Governor of the concerned Province and provide a copy to the Minister in charge of local government, the Minister in charge of internal security and to the Minister in charge of labour.</p> <p>Where the strike or lock-out is to be exercised in the City of Kigali, the notification is addressed to the Mayor of the City of Kigali and a copy is provided to</p>	<p>programme et le calendrier de la conduite de la grève ou du lock-out.</p> <p><u>Article 6:</u> Organes informés de la décision d'exercer le droit de grève ou de lock-out</p> <p>Les travailleurs ou les employeurs qui organisent la grève ou le lock-out dans un seul district notifient par écrit le Maire du District avec copie au Gouverneur de la Province concernée, au Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions, au Ministre ayant le travail dans ses attributions et au Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions.</p> <p>Lorsque la grève ou le lock-out doit être exercé dans plus d'un district, la lettre de notification est adressée au Gouverneur de la Province concernée avec copie au Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions, au Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions et au Ministre ayant le travail dans ses attributions.</p> <p>Lorsque la grève ou le lock-out doit être exercé dans la Ville de Kigali, la lettre de notification est adressée au Maire de la Ville de Kigali avec copie au Ministre ayant</p>
---	---	--

<p>hakagenerwa kopi Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, Minisitiri ufite umutekano mu nshingano ze na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze.</p>	<p>the Minister in charge of local government, the Minister in charge of internal security and the Minister in charge of labour.</p>	<p>l'administration locale dans ses attributions, au Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions et au Ministre ayant le travail dans ses attributions.</p>
<p>Iyo guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo bizakorerwa ku rwego rw'Igihugu, ibaruwa imenyeshya ishyikirizwa Minisitiri ufite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze, hakagenerwa kopi Minisitiri ufite umutekano mu nshingano ze na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze.</p>	<p>Where the strike or lock-out is to be exercised at national level, the notification is addressed to the Minister in charge of local government and a copy is provided to the Minister in charge of internal security and the Minister in charge of labour.</p>	<p>Lorsque la grève ou le lock-out doit être exercé au niveau national, la lettre de notification est adressée au Ministre ayant l'administration locale dans ses attributions avec copie au Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions et au Ministre ayant le travail dans ses attributions.</p>
<p>Umuyobozi wamenyeshejwe igikorwa cyo guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo abifataho icyemezo kandi akabitangaho igisubizo mu gihe kitarenze amasaha mirongo irindwi n'abiri (72) abonye ibaruwa imenyeshya.</p>	<p>The authority notified of the exercise of a strike or lock-out takes the decision thereof and responds within seventy-two (72) hours after receipt of the notification.</p>	<p>L'autorité notifiée de l'exercice de la grève ou de lock-out en prend la décision et y répond dans les soixante-douze (72) heures suivant la réception de la lettre de notification.</p>
<p>Umuyobozi wamenyeshejwe guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo ashobora kandi kugena izindi serivisi zidateganyijwe muri iri teka zitagomba guhagarara mu gihe cy'ihagarika ry'imirimo cyangwa ifungwa ry'ikigo yamenyeshejwe, kubera inyungu rusange.</p>	<p>The authority notified of the exercise of a strike or lock-out may determine other services, not provided for by this Order, that are not interrupted by the notified strike or lock-out, for public interest.</p>	<p>L'autorité notifiée de l'exercice de la grève ou du lock-out, pour l'intérêt public, peut déterminer d'autres services essentiels non prévus par le présent arrêté qui ne doivent pas être interrompus par la grève ou le lock-out.</p>

<p><u>Ingingo ya 7: Irangira ry’ihagarikwa ry’imirimo n’ifungwa ry’ikigo</u></p> <p>Guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo bigomba kurangirana n’igihe cyatanzwe mu ibaruwa imenyasha.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Ibihe bibujijwemo guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo</u></p> <p>Abakozi cyangwa abakoresha ntibemerewe guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo mu minsi icumi (10) ibanziriza cyangwa ikurikira amatora mu gihugu, mu bihe by’amage cyangwa mu bihe by’imidugararo.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Ivanwaho ry’Iteka n’ingingo zinyuranyije n’iri teka</u></p> <p>Iteka rya Minisitiri n° 04 ryo ku wa 13/07/2010 rigena ibikorwa bidahungabanywa bitagomba guhagarara n’uburyo uburenganzira ku guhagarika imirimo bukoreshwa muri ibyo bikorwa n’ingingo zose z’amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p>	<p><u>Article 7: End of strike or lock-out</u></p> <p>A strike or lock-out comes to an end with the period specified in the notification.</p> <p><u>Article 8: Prohibited time to exercise a strike or lock-out</u></p> <p>Employees or employers are prohibited from exercising a strike or a lock-out within ten (10) days preceding or following elections in the country, in a state of siege or in a state of emergency.</p> <p><u>Article 9: Repealing provision</u></p> <p>Ministerial Order n° 04 of 13/07/2010 determining essential services that should not stop and the terms and conditions of exercising the right to strike in these services and all prior provisions contrary to this Order are repealed.</p>	<p><u>Article 7: Fin de la grève et du lock-out</u></p> <p>La grève ou le lock-out doivent se terminer avec la période spécifiée dans la lettre de notification.</p> <p><u>Article 8: Périodes pendant lesquelles la grève ou le lock-out est interdit</u></p> <p>Les travailleurs ou les employeurs sont interdits de faire la grève ou le lock-out dans les dix (10) jours qui précèdent ou suivent les élections à l’intérieur du pays, durant l’état de siège ou en état d’urgence.</p> <p><u>Article 9: Disposition abrogatoire</u></p> <p>L’Arrêté Ministériel n° 04 du 13/07/2010 déterminant les services indispensables et les modalités d’exercice du droit de grève dans ces services ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 10: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 10: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 10: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p>Kigali, ku wa 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo</p>	<p>Kigali, on 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minister of Public Service and Labour</p>	<p>Kigali, le 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Ministre de la Fonction Publique et du Travail</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 005/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA UBURYO AMASAHA Y'AKAZI MU CYUMWERU YUBAHIRIZWA MU NZEGO Z'ABIKORERA</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 005/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING MODALITIES FOR THE IMPLEMENTATION OF WORKING HOURS A WEEK IN THE PRIVATE SECTOR</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 005/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LES MODALITÉS DE MISE EN APPLICATION DES HEURES DE TRAVAIL PAR SEMAINE DANS LE SECTEUR PRIVÉ</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Uko amasaha y'akazi afatwa</p>	<p><u>Article 2:</u> Consideration given to working hours</p>	<p><u>Article 2:</u> Considération des heures de travail</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Impamvu zo gukora amasaha y'ikirenga</p>	<p><u>Article 3:</u> Reasons for working overtime</p>	<p><u>Article 3:</u> Motifs pour travailler des heures supplémentaires</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Kubara no kwandika amasaha y'ikirenga</p>	<p><u>Article 4:</u> Calculation and recording of hours of overtime</p>	<p><u>Article 4:</u> Calcul et enregistrement des heures supplémentaires</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Gukora amasaha atakozwe</p>	<p><u>Article 5:</u> Compensation for non-worked hours</p>	<p><u>Article 5:</u> Compensation des heures non travaillées</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Kwishyura amasaha y'ikirenga</p>	<p><u>Article 6:</u> Payment of overtime</p>	<p><u>Article 6:</u> Paiement des heures supplémentaires</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Kubara umushahara w'amasaha y'ikirenga</p>	<p><u>Article 7:</u> Calculation of salary for the overtime</p>	<p><u>Article 7:</u> Calcul du salaire pour des heures supplémentaires</p>

<u>Ingingo ya 8:</u> Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka	<u>Article 8:</u> Repealing provision	<u>Article 8:</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 9:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	<u>Article 9:</u> Commencement	<u>Article 9:</u> Entrée en vigueur

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 005/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA UBURYO AMASAHA Y'AKAZI MU CYUMWERU YUBAHIRIZWA MU NZEGO Z'ABIKORERA</p> <p>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 43;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 04/19.19 ryo ku wa 17/09/2009 rigena uburyo bwo kubahiriza amasaha y'akazi mu cyumweru mu nzego z'abikorera;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/01/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 005/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING MODALITIES FOR THE IMPLEMENTATION OF WORKING HOURS A WEEK IN THE PRIVATE SECTOR</p> <p>The Minister of Public Service and Labour;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda, especially in Article 43;</p> <p>Having reviewed Ministerial Order n° 04/19.19 of 17/09/2009 determining the modalities for application of the weekly working hours in the private sector;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 28/01/2020;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 005/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LES MODALITÉS DE MISE EN APPLICATION DES HEURES DE TRAVAIL PAR SEMAINE DANS LE SECTEUR PRIVÉ</p> <p>Le Ministre de la Fonction Publique du Travail;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p> <p>Vu la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 43;</p> <p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 04/19.19 du 17/09/2009 déterminant les modalités d'application de la durée hebdomadaire du travail dans le secteur privé;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/01/2020;</p> <p>ARRÊTE:</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena uburyo amasaha y’akazi mu cyumweru yubahirizwa mu nzego z’abikorera.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Uko amasaha y’akazi afatwa</u></p> <p>Amasaha y’akazi yakozwe ku manywa, mu ijoro, ku munsu w’ikiruhuko rusange cyangwa ku munsu w’imperera z’icyumweru ni amwe kandi ahemberwa kimwe.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Impamvu zo gukora amasaha y’ikirenga</u></p> <p>Umukozi ashobora, mu gihe bisabwe n’umukoresha, gukora amasaha y’ikirenga iyo:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° umurimo wihutirwa; 2° umurimo udasanze; 3° umurimo ujyana n’ibihe by’umwaka; 4° umurimo ukorwa kugira ngo umusaruro utangirika cyangwa urusheho kwiyongera; 	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines the modalities for the implementation of working hours in a week in the private sector.</p> <p><u>Article 2: Consideration given to working hours</u></p> <p>Hours worked for during the day, night, on an official holiday or during the weekend are the same and remunerated equally.</p> <p><u>Article 3: Reasons for working overtime</u></p> <p>An employee may, upon request by the employer, work overtime if:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° the work requires urgency; 2° the work is exceptional; 3° the work is seasonal; 4° the work is done to preserve or increase productivity; 	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine les modalités de mise en application des heures de travail par semaine dans le secteur privé.</p> <p><u>Article 2: Considération des heures de travail</u></p> <p>Les heures de travail accomplies pendant la journée, la nuit, à un jour férié ou durant le weekend sont les mêmes et sont rétribuées à une même rémunération.</p> <p><u>Article 3: Motifs pour travailler des heures supplémentaires</u></p> <p>Un travailleur peut, à la demande de l’employeur, effectuer des heures supplémentaires si:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° le travail nécessite l’urgence; 2° le travail est exceptionnel; 3° le travail est saisonnier; 4° le travail est effectué pour protéger ou augmenter la productivité;
---	--	--

<p>5° umurimo ufite imiterere yihariye.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Kubara no kwandika amasaha y'ikirenga</u></p> <p>Amasaha y'ikirenga abarwa mu buryo bukurikira:</p> <p>1° amasaha yakozwe nyuma y'amasaha mirongo ine n'atanu (45) mu cyumweru;</p> <p>2° amasaha yakozwe nyuma y'amasaha y'akazi ateganyijwe mu ngengabihe y'akazi, mu gihe iteganya amasaha ari munsu ya mirongo ine n'atanu (45) mu cyumweru;</p> <p>3° amasaha yakozwe nyuma y'amasaha y'akazi ateganyijwe mu masezerano y'umurimo, mu gihe amasezerano ateganya amasaha ari munsu y'amasaha mirongo ine n'atanu (45) mu cyumweru.</p> <p>Umukoresha yandika amasaha n'iminsi by'ikirenga mu gitabo cyabugenewe cyangwa mu buryo bw'ikorabuhanga, umukozi akabyemeza n'umukono we cyangwa akoresheje ubundi buryo</p>	<p>5° the work is of a special nature.</p> <p><u>Article 4: Calculation and recording of hours of overtime</u></p> <p>Hours of overtime are calculated as follows:</p> <p>1° hours worked for after forty five (45) hours per week;</p> <p>2° hours worked for after the working hours stated in working timetable, in case the working hours specified are below forty five (45) hours in a week;</p> <p>3° hours worked for after the working hours stated in the employment contract, in case the working hours specified in such contract are below forty five (45) hours in a week.</p> <p>The employer records the hours and days of overtime in an appropriate register or electronically and, the employee affirms the records by appending his or her signature or through other electronic means determined by the employer.</p>	<p>5° le travail est de nature particulière.</p> <p><u>Article 4: Calcul et enregistrement des heures supplémentaires</u></p> <p>Les heures supplémentaires sont calculées comme suit:</p> <p>1° des heures effectuées après les quarante-cinq (45) heures par semaine;</p> <p>2° des heures effectuées après les heures de travail prévues dans l'horaire de travail, au cas où les heures de travail prévues sont inférieures à quarante-cinq (45) heures par semaine;</p> <p>3° des heures effectuées après les heures de travail prévues dans le contrat de travail, au cas où les heures de travail spécifiées dans le contrat sont inférieures à quarante-cinq (45) heures par semaine.</p> <p>L'employeur enregistre les heures et les jours supplémentaires prestés dans un registre prévu à cet effet ou électroniquement et, l'employé confirme ces enregistrements en y apposant sa</p>
--	---	---

<p>bw'ikoranabuhanga bwagenwe n'umukoresha.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Gukora amasaha atakozwe</u></p> <p>Mu gihe akazi k'ikigo kahagaritswe bitewe n'impanuka, ibura ry'ingufu zikoreshwa, ibihe bitameze neza, ibiza, ibura ry'ibikoresho cyangwa ibura ry'uburyo bwo kubitwara, umushahara ntugabanywa ahubwo amasaha atarakozwe ashobora kwishyurwa hakorwa amasaha y'ikirenga. Icyakora, umukoresha ntashobora gusaba umukozi gukora amasaha atarakozwe, iyo atamuhaye uburenganzira bwo kuva ku kazi.</p> <p>Amasaha atarakozwe arihwa hongerwa amasaha ku minsi y'akazi isanzwe, ibyo bigakorwa mu gihe cy'icyumweru cyangwa ibyumweru bikurikira ihagarikwa ry'imirimu mu gihe kitarenga iminsi mirongo itatu (30).</p> <p><u>Ingingo ya 6: Kwishyura amasaha y'ikirenga</u></p> <p>Umukozi ukoze amasaha y'ikirenga afite uburenganzira ku kiruhuko kingana n'amasaha y'ikirenga yakoze mu gihe</p>	<p><u>Article 5: Compensation for non-worked hours</u></p> <p>In case the work of the enterprise is interrupted due to an accident, power shortage, unfavourable weather conditions, disaster, shortage of materials or means for their transportation, the salary is not deducted, instead non-worked hours may be recovered by working for extra hours. However, an employer cannot request an employee to compensate non-worked hours, if he or she did not authorise the employee to leave the workplace.</p> <p>Non-worked hours are compensated by extending the normal working hours during the week or weeks immediately following the interruption within a period not exceeding thirty (30) days.</p> <p><u>Article 6: Payment of overtime</u></p> <p>An employee who works overtime is entitled to a rest period equal to the extra hours performed within a period not exceeding</p>	<p>signature ou par tout autre moyen électronique déterminé par l'employeur.</p> <p><u>Article 5: Compensation des heures non travaillées</u></p> <p>En cas d'interruption d'activités de l'entreprise suite aux motifs d'accidents, de déficit énergétique, d'intempérie, de catastrophe, de pénurie de matériaux ou de moyen de transport de ces derniers, le salaire n'est pas déduit mais les heures non travaillées peuvent être récupérées en travaillant des heures supplémentaires. Toutefois, un employeur ne peut pas demander à un travailleur de compenser les heures non travaillées lorsqu'il n'a pas autorisé celui-ci à quitter le lieu du travail.</p> <p>Les heures non travaillées sont compensées par prolongation de l'horaire normal des jours ouvrables pendant la semaine ou les semaines consécutives à l'interruption, dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours.</p> <p><u>Article 6: Paiement des heures supplémentaires</u></p> <p>Un travailleur qui fait des heures supplémentaires a droit à une période de repos égale aux heures supplémentaires</p>
---	--	---

<p>kitarenze iminsi mironko itatu (30) ibarwa uherye igihe yakoreyeho amasaha y'ikirenga.</p> <p>Icyakora, amasaha y'ikirenga adatangirwe ikiruhuko mu gihe giteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ahemberwa mu kwezi gukurikiyeho kandi akagaragara ku rupapuro ruhemberwaho.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Kubara umushahara w'amasaha y'ikirenga</u></p> <p>Umushahara ubarirwaho igihembo cy'amasaha y'ikirenga ni umushahara mbumbe w'umukozi.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka</u></p> <p>Iteka rya Minisitiri n° 04/19.19 ryo ku wa 17/09/2009 rigena uburyo bwo kubahiriza amasaha y'akazi mu cyumweru mu nzego z'abikorera n'ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.</p>	<p>thirty (30) days from the date he or she worked the overtime.</p> <p>However, extra hours for which the compensatory rest period is not granted within the period provided for in Paragraph One of this Article are paid for in the next month and appear on the payslip.</p> <p><u>Article 7: Calculation of salary for the overtime</u></p> <p>The salary on which the overtime salary is calculated is the gross salary of an employee.</p> <p><u>Article 8: Repealing provision</u></p> <p>Ministerial Order n° 04/19.19 of 17/09/2009 determining the modalities for application of the weekly working hours in the private sector and all prior provisions contrary to this Order are repealed.</p>	<p>travaillées dans un délai n'excédant pas trente jours (30) à compter de la date à laquelle il a fait les heures supplémentaires.</p> <p>Toutefois, les heures supplémentaires pour lesquelles la récupération sous forme de repos n'est pas accordée dans le délai prévu à l'alinéa premier du présent article sont rémunérées sur le salaire du mois suivant et apparaissent sur le bulletin de paie.</p> <p><u>Article 7: Calcul du salaire pour des heures supplémentaires</u></p> <p>Le salaire qui sert de base pour le calcul du salaire pour les heures supplémentaires est le salaire brut du travailleur.</p> <p><u>Article 8: Disposition abrogatoire</u></p> <p>L'Arrêté Ministériel n° 04/19.19 du 17/09/2009 déterminant les modalités d'application de la durée hebdomadaire du travail dans le secteur privé ainsi que toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogés.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 9: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 9: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 9: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p>Kigali, ku wa 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo</p>	<p>Kigali, on 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Minister of Public Service and Labour</p>	<p>Kigali, le 17/03/2020</p> <p>(sé)</p> <p>RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan Ministre de la Fonction Publique et du Travail</p>
<p>Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta</p>	<p>Seen and sealed with the Seal of the Republic:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General</p>	<p>Vu et scellé du Sceau de la République:</p> <p>(sé)</p> <p>BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 006/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA UBURYO AMAHUGURWA Y'ABAKOZI ATANGWA</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 006/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING MODALITIES FOR TRAINING OF EMPLOYEES</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 006/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LES MODALITÉS DE FORMATION DES TRAVAILLEURS</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Gahunda y'amahugurwa</p>	<p><u>Article 2:</u> Training plan</p>	<p><u>Article 2:</u> Plan de formation</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Ikiguzi cy'amahugurwa</p>	<p><u>Article 3:</u> Training cost</p>	<p><u>Article 3:</u> Frais de formation</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Uburyo amahugurwa akorwa</p>	<p><u>Article 4:</u> Modalities for training</p>	<p><u>Article 4:</u> Modalités de formation</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Uburenganzira bw'umukozi mu gihe cy'amahugurwa</p>	<p><u>Article 5:</u> Rights of an employee during training period</p>	<p><u>Article 5:</u> Droits du travailleur pendant la période de formation</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Inshingano y'umukozi wahuguwe</p>	<p><u>Article 6:</u> Obligation of a trained employee</p>	<p><u>Article 6:</u> Obligation du travailleur formé</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Ivanwaho ry'iteka n'ingingo zinyuranyije n'iri teka</p>	<p><u>Article 7:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 7:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 8:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 8:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 006/19.20 RYO KU WA 17/03/2020 RIGENA UBURYO AMAHUGURWA Y'ABAKOZI ATANGWA</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 006/19.20 OF 17/03/2020 DETERMINING MODALITIES FOR TRAINING OF EMPLOYEES</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 006/19.20 DU 17/03/2020 DÉTERMINANT LES MODALITÉS DE FORMATION DES TRAVAILLEURS</p>
<p>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p>	<p>The Minister of Public Service and Labour;</p>	<p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 39;</p>	<p>Pursuant to Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating labour in Rwanda, especially in Article 39;</p>	<p>Vu la Loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en son article 39;</p>
<p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 08 ryo ku wa 13/07/2010 rigena uburyo amahugurwa, iyigisha n'ibiruhuko bigendana na yo bishyirwa mu bikorwa;</p>	<p>Having reviewed Ministerial Order n° 08 of 13/07/2010 determining the implementation modalities for professional training and its related leave;</p>	<p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 08 du 13/07/2010 déterminant les modalités de réalisation des actions de formation et de perfectionnement professionnels et les congés y relatifs;</p>
<p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 28/01/2020 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p>	<p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 28/01/2020;</p>	<p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 28/01/2020;</p>
<p>ATEGETSE:</p>	<p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTE:</p>

<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena uburyo amahugurwa y’abakozi atangwa.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Gahunda y’amahugurwa</u></p> <p>Amasezerano rusange, amategeko ngengamikorere y’ikigo cyangwa amasezerano y’umurimo bigena gahunda y’amahugurwa y’abakozi.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Ikiguzi cy’amahugurwa</u></p> <p>Umukoresha, umukozi cyangwa bombi bishingira ikiguzi cy’amahugurwa.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Uburyo amahugurwa akorwa</u></p> <p>Iyo umukoresha n’umukozi babyumvikanyeho, umukozi ashobora gukurikirana amahugurwa ajyanye n’inshingano ze mu kazi, yaba ari ku kazi cyangwa atakariho.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Uburenganzira bw’umukozi mu gihe cy’amahugurwa</u></p> <p>Umukozi uri mu mahugurwa afite uburenganzira bukurikira:</p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines modalities for training of employees.</p> <p><u>Article 2: Training plan</u></p> <p>Collective agreement, rules of procedure of the enterprise or employment contract determines the training plan for employees.</p> <p><u>Article 3: Training cost</u></p> <p>The employer, the employee or both bear the cost of training.</p> <p><u>Article 4: Modalities for training</u></p> <p>If the employer and the employee agree, the employee may pursue a training course related to his or her duties while on duty or not.</p> <p><u>Article 5: Rights of an employee during training period</u></p> <p>An employee who is under training has the following rights:</p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine les modalités de formation des travailleurs.</p> <p><u>Article 2: Plan de formation</u></p> <p>La convention collective, le règlement intérieur de l’entreprise ou le contrat de travail détermine le plan de formation des travailleurs.</p> <p><u>Article 3: Frais de formation</u></p> <p>L’employeur, le travailleur ou tous les deux (2) supportent le coût de formation.</p> <p><u>Article 4: Modalités de formation</u></p> <p>Lorsque l’employeur et le travailleur en conviennent, le travailleur peut suivre une formation liée à ses fonctions qu’il soit au travail ou pas.</p> <p><u>Article 5: Droits du travailleur pendant la période de formation</u></p> <p>Un travailleur en formation a les droits suivants:</p>
--	--	---

<p>1° guhembwa umushahara we wose mu gihe yemerewe gukurikira amahugurwa atarengeje igihe cy'amezi atandatu (6). Iyo amahugurwa arenga amezi atandatu (6), umukozi ahembwa umushahara we wose mu gihe cy'amezi atandatu (6) ya mbere, igihe gisigaye agahembwa bibiri bya gatatu (2/3) by'umushahara we buri kwezi;</p> <p>2° ibiruhuko umukozi yagiye ahabwa n'ikigo cy'amahugurwa bikurwa mu kiruhuko cye cy'umwaka, agafata ikiruhuko cy'umwaka kingana n'iminsi isigaye.</p>	<p>1° to be paid his or her full salary in case he or she is under a training course not exceeding six (6) months. When the training exceeds six (6) months, an employee is paid his or her full salary in the first six (6) months and he or she is paid two-thirds (2/3) of his or her salary every month for the remaining period;</p> <p>2° holidays provided to an employee by the training institution are deducted from his or her annual leave and he or she is entitled to the remaining annual leave days.</p>	<p>1° recevoir la totalité de son salaire s'il est autorisé à suivre une formation n'excédant pas six (6) mois. Lorsque la formation dépasse six (6) mois, le travailleur reçoit la totalité de son salaire dans les premiers six (6) mois et les deux tiers (2/3) de son salaire chaque mois pour la période restante;</p> <p>2° les vacances accordées au travailleur par l'institution de formation sont déduites au congé annuel du travailleur et il a droit aux jours restants de son congé annuel.</p>
<p><u>Ingingo ya 6: Inshingano y'umukozi wahuguwe</u></p>	<p><u>Article 6: Obligation of a trained employee</u></p>	<p><u>Article 6: Obligation du travailleur formé</u></p>
<p>Umukozi warangije neza amahugurwa afite inshingano yo gukomeza gukorera ikigo cyamwohereje mu mahagurwa mu gihe kigenwa n'amasezerano umukoresha yagiranye n'umukozi, uretse igihe Leta imushyize mu yindi mirimo ku myanya idapiganirwa kubera inyungu rusange.</p>	<p>An employee who successfully completes his or her training course must continue to work for the enterprise that sent him or her on training for a period determined in the contract concluded between the employer and the employee, except when he or she is appointed by the Government on position that does not require competition for public interest.</p>	<p>Un travailleur qui termine avec succès sa formation a l'obligation de continuer à travailler pour l'entreprise qui l'a envoyé en formation pendant une période déterminée dans le contrat conclu entre l'employeur et le travailleur, sauf s'il est nommé pour l'intérêt public par le Gouvernement au poste qui ne requiert pas de compétition.</p>
<p>Icyakora, umukozi ushaka guhindura akazi ku mpamvu ze bwite igihe cyo gukomeza</p>	<p>However, an employee who wants to change his or her employment before the</p>	<p>Toutefois, un travailleur qui souhaite changer d'emploi avant l'expiration du</p>

